Ibikorwa by'imiyoborere byatanzwemo inama kuri uru rwego rw'ibigo bito n'ibiciriritse byibanda ku gushyiraho imiterere n'uburyo bw'imikorere bw'ubucuruzi byibanze. Ubucuruzi nanone buba bukeneye gutangira gusobanura uburyo bukoresha mw'ifatwa ry'ibyemezo by'imikorere n'ibyahazaza. Nyirubucuruzi/Uyobora ubucuruzi agomba kwiga guhagararira abandi no kugisha inama abantu bigenzi hamwe n'abajyanama bo hanze y'ubucuruzi—niyo byaba ari muburyo budakurikije amabwiriza—mbere yo gufata imyanzuro ikomeye. Igenzura ry'ibibera mu kazi rigomba gushyirwaho kugira ngo himakazwe kugira nshingano no gucunga imitungo.

## *Kuva m'Urwego Ujya m'Urundi: Urwego 2 ujya m'Urwego 3*

***Nyuma yo kwibanda k'ugicuruzwa mu Rwego 1 ndetse ko kucyigurisha mu Rwego 2, nyirubucuruzi, arajwe inshinga no kongera ingano y'ubucuruzi n'ibice byabwo bitandukanye, abona ko aricyo gihe cyo gushora m'ukuzamura ubucuruzi ubwabyo: Urwego 3.***

***Nyirubucuruzi abona ko ukwiyongera kw'amafaranga yinjira gushobora kuba kwarasubiye inyuma mu gihe ubucuruzi bwo bwakuze neza, bufite ibyiciro, n'ibicuruzwa bishya n'abantu bashya. Imiterere y'imikorere yindani, ingamba n'ibikorwa ntibyahindutse bitewe n'uko byari bimeze ubwo ubucuruzi bwari bukiri buto. Rero, kuva mu rwego rumwe ujya m'Urwego 3 akenshi bizana na nyirubucuruzi abona ko atagishoboye kugenzura no kuyobora ubucuruzi bwose.***

## Urwego 3: Imikorere y'Ubucuruzi

rockstar

### Urugero Nyigo: Kugira Rockstar Inyamwuga

Yifashishije gahunda y'imikorere yahawe ubu ubucuruzi itanzwe na Serivisi z'Imiyoborere y'Ubucuruzi ya IFC, Rami yatangiye gukora ibikorwa byo guhindura Rockstar inyamwuga m'ugukomeza icyerekezo cyo kuyagura neza. Yumviye inama z'umuhungu we, arekera kugenzura imikorere y'ubucuruzi ayiha Umuyobozi ushinzwe imikorere mushya,
Mariam Awad. Ubu yibanda kubyo azi gukora neza kurusha ibindi — guhanga— hamwe no gushyiraho uburyo bw'imikorere y'igihe kirekire ya Rockstar, byatumye Mariam n'abo bayoborana bafata inshingano zose zo gufata ibyemezo ku mikorere. Yifashishije kuyobora m'uburyo bwo gukorera hamwe, Mariam agirana inama buri cyumweru n'abakozi, agamije gushishikaza guhererekanya amakuru neza mu nzego zitandukanye.

Igenzura ry'ibibera mu kazi muri Rockstar naryo ryaravuguruwe cyane, harimo no gutangira gukoresha uburyo bucunga kandi bunerekana amakurushingiro ku mitungo n'amafaranga yinjira byorohereza Rami kubona ishusho nziza y'umusaruro w'ubucuruzi vuba.

Nyuma y'imyaka itatu Rami ahinduye ubucuruzi bwe ubwubunyamwuga, yabashije kumvikana n'Ikigo cy'Imari cya Sandstone k'ugushora imari yari ikinewe cyane m'ubucuruzi bwe. Byamuhaye igishoro, bituma anamenyana n'abantu bakomeye, bari bakenewe kugira ngo ubucuruzi bwaguke.

M' **Urwego 3: Imikorere y'Ubucuruzi**, ibigo bito n'ibiciriritse biri gushaka uko bigira kinyamwuga ***imiterere n'uburyo bw'imikorere***, nyuma yo guca mu gihe cy'itangira ryo gukura kw'ubucuruzi m'Urwego 2.

Ibiranga uru rwego n'ukwiyongera ko gukenera imicungire ya kinyamwuga, ubuzobere mu bice runaka, na gahunda ndetse n'igenzura byiza. Ushinzwe abakozi atangira kugenda aba ingenzi cyane m'uko ibigo bito n'ibiciriritse biba bishaka guha akazi abakozi b'abanyamwuga ndetse no gukoresha neza imiterere n'ingamba by'ubucuruzi.

## *Ibibazo ku bigo*

Kururu rwego, ubucuruzi buba buvuye mugihe cyo gukura, abakozi n'ibicuruzwa byiyongereye cyane, ariko imiterere y'indani, ingamba, n'uburyo bw'imikorere byagumye nkuko biba biri ku rwego rwo gutangira ubucuruzi. Rero, uru rwego rurangwa n'imirimo ihindagurika. Urugero, uburyo bwo gutanga agahimpazamusyi bushobora kudahura n'umusaruro w'ubucururuzi, kandi ingamba akenshi ntizikurikizwa cyangwa rimwe na rimwe zikaba zirenze izikenewe.

Uru rwego rukunda kugora banyirubucuruzi cyane, kuko rusaba kugira ubuhanga buhagije mu micungire no m'ubuyobozi, byiyongera k'ubuhanga m'ubucuruzi bwavanye ubucuruzi k'Urwego 1 n'Urwa 2. Birashoboka kuba rwiyemezamirimo mwiza ariko utazi kuyobora, cyangwa ukagira kimwe udafite ikindi.

Ibibazo bijyanye niby'abakozi n'ibisanzwe. Kugira imicungire yakinyamwuga bishobora gutera amakimbirane y'abakozi "bakera" "n'abashya". Impinduka zibaho mu miyoborere, abakozi no mu mikorere zishobora kugira ingaruka k'umurava n'umwete by'abakozi. Kubera ko ubucuruzi butangira kukwibanda gake k'umibanire bwite ahubwo bukibanda cyane ku ngamba n'uburyo bw'imikorere, bamwe bagorwa no kwakira ihinduka.

Muri uru rwego ibigo bito n'ibiciriritse binyura mw'ihindagurika ry'ububasha ryinshi cyangwa mu mpinduka mu myanya y'ubuyozi; kugabana inshingano n'itsinda ry'abayobozi bishobora guhindagurika cyangwa ntibyumvikane. Ibibazo by'igenzura ry'uburinganire bw'inzego bishobora kuba kudakora igenzura no kudafata mu nshingano ndetse no kwibanda k'uburyo bwimikorere birenze ibikenewe.

## *Ibibazo ku bashoramari*


Muri uru rwego, abashoramari bahangayikishwa n'uko ubunyamwuga butuzuye kandi ko imibanire *bwite* yaganje. Bishobora kuba nanone ko, uretse kugira igenzura ry'uburinganire bw'inzego ryemewe, hashobora kuba ikibazo cyo kwivanga kw'abanyiri ibigo "m'ugusuzuma no kugenzura" ubucuruzi, mugihe babikora bakirengagiza imikorere mishya n'ingamba. Kwibanda ku gutera imbere indani
bishobora—akenshi—bitera kugenda gake m'ugukura no m'ugufata ibyemezo. Ikindi gishobora kuba ikibazo n'ukugira abo mu muryango benshi mu bakozi babanyamwuga.

Amakimbirane ashobora kuba hagati y'abafatanyije gushinga ikigo, ubuyobozi bushya n'abashoramari, bishobora gusemburwa no guhererekanya amakuru nabi hagati y'izi mpande.

### *Kwibanda ku bikorwa byo kugabanya ubukana bw'ibibazo*

Ibikorwa by'imiyoborere bishyira k'ugukenera ubuyobozi bwiza, inyandiko yerekana imikorere n'uburyo, gufata ibyemezo m'uburyo bwateguwe, n'ubuyobozi bwa kinyamwuga byiza. Banyirubucuruzi bagomba kongera ubuhanga mu micungire n'ubuyobozi cyangwa bagaha akazi n'ubushobozi abantu bafite ubwo buhanga, mu myanya nk'ukuriye ibikorwa by'ubucuruzi.

Muri rusange, ifatwa ry'ibyemezo rigomba kuba rica cyane mu nzego kuva k'uruto ujya kurukuru kandi ***inzego zigakorana***. Urugero, umuyobozi, akenshi bwahamagaraga itsinda cyangwa ihuriro ry'abayobozi, bagahura bihoraho kugirango bahurize hamwe ibikorwa ndetse bafashe umuyobozi w'ikigo gufata imyanzuro ku mikorere, hamwe no guhora batanga inama ku byemezo byahazaza. Nanone, itsinda ry'abajyanama ryemewe n'amategeko rishobora gufasha nyiri ikigo/umuyobozi ku bibazo runaka ubucuruzi buhura nabyo. Uburyo bukorwamo igenzura ry'uburinganire bw'inzego neza bugomba kwemezwa n'amategeko, kandi ikigo kigomba gushyiraho urwego rw'indani rushinzwe igenzura.



## *Kuva m'Urwego Ujya m'Urundi: Urwego 3 ujya m'Urwego 4*

***Gahunda n'uburyo biba bimaze gushyirwaho, ubuyobozi bwiza, n'imicungire ya kinyamwuga, k'Urwego 3 ibigo bito n'ibiciriritse noneho aba ari ubucuruzi bw'umwuga kurenza kandi bwiteguye gukura kurushaho. Ubushobozi bw'indani ubwabwo, ariko, ntibuhagije kugira ngo ubucuruzi bwaguke: ikigo gikenera igishoro. Ibi bitera ba rwiyemeza mirimo benshi kwegera abashoramari bo hanze y'ubucuruzi—haba abo bafite icyo bapfana, nk'inshuti n'umuryango, cyangwa ababigize umwuga, nk'ibigo by'imari byigenga. Abanyamigabane bashya bazasaba ko habaho ingamba z'imiyoborere zikora neza—nk'inama nyobozi ikora—kugira ngo igenzure kandi itange icyerekezo ku kigo. Urwego 3 rw'ibanze ku kunoza imicungire; m'Urwego 4 hibandwa cyane ku miyoborere.***

***Ikindi cy'igenzi m'ukuva m'urwego ujya m'urundi gishobora kuba ko nyiri ikigo avuye k'ubuyobozi ku mpamvu bwite cyangwa z'ubucuruzi—kugirango atangize ikigo gishya, kugirango ahe akazi umuyobozi mukuru w'ubucuruzi w'umwuga wo kuyobora ikigo mu kwaguka, kugira ngo ahe inkoni y'ubuyobozi ikiragano gikurikira, n'ibindi. N'ubwo ikigo gishobora kuguma mu maboko amwe, ugukenera imiyoborere myiza kurushaho birakenerwa.***

***Nyuma, ikigo kigenda kirushaho gukenera gushyiraho inama nyobozi hamwe n'izindi ngamba z'imiyoborere, n'ubwo ntampinduka mu miterere y'uburenganzira bwa nyiri ikigo yaba igiye kuba. Babona ko itsinda ry'abayobozi bakuru b'abanyamwuga rizana ubunararibonye, ibitekerezo bitandukanye no kumenyana n'abantu m'ubucuruzi—ibice by'ingenzi m'ugukura bihamye.***

rockstar

## Urugero Nyigo: Ukwaguka kw'Ubucuruzi bwa Rockstar

Mu mahitamo abiri azwi cyane ya nyirubucuruzi, "kuba umwami cyangwa umukire" (Wasserman 2008), Rami yahisemo amahitamo ya kabiri. Aho kugira ngo agumane ikigo gito, yahisemo gushaka uko cyakwaguka abinyujije m'ugushaka abashoramari n'amafaranga biturutse hanze. Rami, ubu yafashe icyiruhuko cy'izabukuru, nta ruhare akigira mu mikorere ya buri munsi y'ikigo ahubwo abona umusaruro w'imyaka yamaze mu kigo mu mafaranga yishyurwa kubera imigabane afite no mu kwiyongera mugaciro kw'ikigo.

Ikigo cy'Ubucuruzi bw'Imyenda cya Rockstar kimaze kuba ikigo gifite imiyoborere, imikorere n'uburyo bisobanutse. Inama nyobozi ikora inshingano zayo zose zo kugenzurana intego, kandi Mariam, warushinzwe imikorere y'ikigo, yazamuwe m'urwego agirwa umuyobozi w'ikigo. Abahagarariye Sandstone bafite umwanya mu nama nyobozi. Rami akomeje kuyobora iri tsinda ry'umwuga, mugihe we n'umuryango we bakomeje kugenzura abanyamigabane.

Uburyo bw'imikorere n'igenzura byose bimaze gushyirwaho, birimo kugira abugenzuzi baturutse hanze y'ikigo batanga amakuru kubari hanze y'ubucuruzi, ikigo cyageze kuri byinshi kurenza nibyo Rami yatekerezaga. Byumwihariko yishimira cyane umwuzukuru we, Asaf, wahawe akazi n'ikigo nyuma yo gusoza kaminuza. Rami yifuza ko umunsi umwe umuntu wo m'umuryango wa Bahgat azongera akaba umuyobozi mukuru w'iki kigo. Ariko, kubera ingamba nshya zo gutanga akazi, Asaf azaba agomba gukora azamuka mu nzego—kimwe nk'umukozi wese ufite ubushobozi bwo kurwego rwo hejuru.

M' **Urwego 4: Kwaguka kw'Ubucuruzi**, ibigo bito n'ibiciriritse bitangira gusa nk'ibigo binini mu miterere y'ubucuruzi, imicungire, no mu mirimo y'imiyoborere. Uburyo bw'ifatwa ry'ibyemezo mu kigo byavugwa nk'uburyo bwo gufata ibyemezo kw'abayobozi bakuru ariko babanje kugisha inama, ibigo byinjira mu gice kigizwe cyane n'imitekereze y'ibanze "y'imiyobere y'ibigo."

## *Ibibazo ku bigo*

Kwibanda k'ubuyobozi cyane, kandi gufata ibyemezo byibanda k'uburyo bw'imikorere atari k'ugukura, bishobora gutera ikibazo cy'uko abayobozi bakuru aribo bafata ibyemezo gusa. Kwishingikiriza cyane ku makurushingiro agaragara, kandi afite ingano bigabanya inshingano z'abafata imyanzuro kandi bishobora kugira ingaruka mbi k'uburyo bwo gufata imyanzuro n'umuvuduko bikoranwa. Ubuyobozi bushobora gutinya gufata ibyemezo

bishobora kubagaruka, bikabanya umurava, udushya, n'umwihariko wa barwiyemeza mirimo. Hari ikibazo nanone cyo kongera amafaranga akoreshwa m'ubucuruzi mw'ijanisha ry'amafaranga yinjiye.

## *Ibibazo ku bashoramari*

Mu Rwego 4, hari ikibazo ko itsinda ry'ubuyobozi b'umwuga ikigo giha akazi ari "ab'umurimbo" gusa k'uburyo ubugenzuzi buba bukiri mu maboko y'abanyiri ibigo n'imiryango yabo. Niba ntaburyo bwizewe buhagije buhari kandi ikigo cyishingikiriza k'ubuyobozi, abashoramari bazagira impungenge.

Amakimbirane ashobora kuva m'ukudafata abanyamigabane n'abakozi kimwe—urugero, hagati y'abo m'umuryango nabatari abo m'umuryango.

Ku bigo bito n'ibiciriritse by'umuryango, bishobora kubura ingamba zifatika zo gutandukanya uguhabwa akazi no kuba banyiri ibigo, bishobora gutera amakimbirane mu muryango ndetse no m'ubucuruzi.

## *Kwibanda ku bikorwa byo kugabanya ubukana bw'ibibazo*

Imirimo yavuzwe mururu rwego rw'ibigo bito n'ibiciriritse ifasha kubaka ingamba n'uburyo bw'imiyoborere y'ubucuruzi "bw'ibanze" (urugero nk'inama nyobozi) kugira ngo hitabwe ku nyungu z'abanyirimigabane batandukanye, kuzana ubunararibonye n'ibitekerezo bishya, ndetse no gufasha m'ugushyiraho uburyo bw'imikorere bw'igihe kirekire. Iyo hari impinduka ibaye mu miterere y'uburenganzira bwa nyiri ikigo, abashoramari bavuye hanze bazaba biteze kugira "umwanya ku meza"—guhagararirwa mu nama nyobozi—byumvikana ko bizagira ingaruka k'uburyo ikigo gicunzwe.

Abashoramari bavuye hanze n'itsinda ry'abayobozi bakuru ry'umwuga basaba uburyo bukomeye bwo gukemura ibibazo, igenzura ry'ibibera mu kazi ryiza, n'amakuru arambuye yizewe yibirebana n'ibitarebana n'imari.

## Igikoreshwa: Kumenya Urwego rw'Iterambere Ubucuruzi Bwange Buriho

***Imbonerahamwe 2.1*** ivuga muri make iterambere ry'imiyoborere y'ibigo bito n'ibiciriritse mu nzego enye z'ugukura kw'ibigo bito n'ibiciriritse. Iyo uri kuzikoresha kugira ngo umenye urwego rw'imikurire y'ikigo cyawe, ibuka ko ibice biri muri buri rwego (kuri buri murongo) bifitanye isano; rero iyo ikigo kiri hagati y'urwego rumwe n'urundi (cyangwa gifite ibiranga inzego zimwe), n'ingenzi guhitimo ***urwego wahereyeho*** ukarwita ***urwego rw'ibanze rw'ibigo bito n'ibiciriritse***. Ugomba gukemura ibibazo biri mu nzego zibanza (guhera ku rwego utangiriraho) mbere y'uko ujya kubisabwa m'urwego rukurikira.

***Imbonerahamwe 2.1*** ivuga ko abashoramari bakunda kujya mu kigo igihe cyerekanye ubushobozi bwo gukura—Urwego 3, cyangwa mu bice byanyuma m'Urwego 2. Kwinjira kw'abashoramari bavuye hanze bigira ingaruka ikomeye k'uburyo ikigo kiyoborwa ndetse kinacungwa. Icyakora, abashoramari bashobora kwinjira mu kigo cyiri k'urwego urwo arirwo rwose, harimo n'Igihe Ikigo Gitangiye, akenshi aribyo bisunika ikigo byihuse kujya k'Urwego 4 bitewe n'ibikorwa by'imiyoborere by'ingenzi. (**byinshi k'uho umushoramari aba ahagaze kubijyanye n'Imiyoborere y'ibigo bito n'ibiciriritse, reba Agasanduku 3.2 k'urupapuro 39.**)

# Iterambere ry'Ibigo Bito n'Ibiciriritse

| Gusobanura Ibirango/ Ibipimo Ngenderwaho |  Urwego 1<br>GUTANGIRA |  Urwego 2<br>GUKURA<br>BIHAMYE |  Urwego 3<br>IMIKORERE<br>Y'IKIGO |  Urwego 4<br>KWAGUKA<br>KW'UBUCURUZI |
|---|---|---|---|---|
| **Ingano**<br>**(Umubarew'abakozi)** | **Buto**<br>**(urugero munsi ya 50)** | **Buto ujya**<br>**m'Urugero(urugero 50–75)** | **Urugero**<br>**(urugero., 76–150)** | **Gukura m'Urugero**<br>**(urugero., 151–250)** |
| **Intumbero y'Ikigo** | **Guhanga ibicuruzwa, kubigerageza kw'isoko** | **Igurishwa n'ugukura, kongera ubwoko bw'ibicuruzwa, kugira ingano y'abakiriya** | **Kuvugurura imiterere/uburyo bw'imikorere bwawe nyuma yo gukura** | **Gukura kurushaho, byatewe no kunoza imiyoborere n'uburyo bw'imikorere by'indani** |
| **Umuco no Kwimakaza Imiyoborere Myiza**<br>(Ingamba, uburyo bw'imikorere n'imikorere y'ikigo) | x Ikipe ntoya ikora imirimo myinshi<br>x Kudakurikiza amabwiriza byo kurwego rwo hejuru<br>x Uburyo buke bw'imikorere,bwashyizweho mu kazi" | x Itsinda riraguka— inzego zifatika n'imikorere y'ikigo bitangira kugaragara<br>x Uburyo bworoshye bufasha inzego gukorera hamwe | x Inshingano z'inzego zongerewe<br>x Kugira amategeko agenga imikorere y'ikigo, ingamba n'uburyo bw'imikorere | x Gukomeza intego zatangiriye m'Urwego 3 |
| **Ifatwa ry'Ibyemezo n'igenzura ry'ingamba**<br>(Uburyo n'abantu bafata ibyemezo, uburyo bwo kuyobora.) | x Gufata ibyemezo bikubiye cyane kuri nyiri ikigo (banyiri ikigo)<br>x Ubuyobozi bwo kwikubira ububasha | x Gutangira gutanga inshingano kw'ubuyobozi<br>x Ubuyozi bujyinama— n'inko kwiharira ububasha cyane ariko uhabwa inama n'abayobozi bakuru n'amabajyanama | x Abayobozi b'abanyamwuga bahabwa akazi<br>x Gusaranganya ububasha binyuze mubice/ubuyobozi bw'inzego<br>x Ubuyobozi bw'ubufatanye | x Gutandukanya ifatwa ry'ibyemezo by'ahazaza niby'imikorere<br>x Uburyo bw'ifatwa ry'ibyemezo bihuriweho, hakurikijwe imiterere y'ubucuruzi, inshingano, n'uburyo bw'imikorere |
| **Gukemura Ibisssbazo n'Igenzura ry'Ibibera mu Kazi**<br>(Igenzura ry'uburinganire bw'inzego indani) | x Banyiri ibigo bakurikiranira hafi cyane imirimo— igenzura ry'uburinganire bw'inzego ntabwo riba rikenewe cyane | x Gushyiraho igenzura ry'ibibera mu kazi indani kugira ngo rifashe isaranganywa ry'ububasha n'imbaraga | x Kuvuga birambuye ububasha n'inshingano<br>x Uburyo bw'imikororere bugirwa itegeko kandi bukorwa m'uburyo bwikoresha<br>x Gushyiraho ibikorwa bigenzura ibibazo by'imikorere by'ingenzi | x Kwibanda ku gukemura ikibazo mbere y'uko kigaragara n'icyagaragaye |
| **Imurikabikorwa n'Ubunyangam ugayo**<br>(Guhererekanya amakuru n'abafatanyabikorwa b'indani n'abaturutse hanze) | x Buri wese azi buri kintu | x Kudahana amakuru mu nzego—atangwa neza mu rwego, ariko bigoye kuyatanga kuzindi nzego<br>x Amakuru y'ibanze ku bicuruzwa biri kw'isoko atangwa ku bafatanyabikorwa bari hanze y'ubucuruzi | x Indani: kunoza guhana amakuru munzego zitandukanye / mu bafite inshingano zitandukanye<br>x Amakuru anoze ajyanye n'ubucuruzi aturutse hanze | x Indani: ubuyobozi, inama nyobozi, n'abanyamigabane bahana amakuru<br>x Hanze: amakuru runaka agenewe abafatanyabikorwa batandukanye |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Uburenganzira ku mutungo**<br><br>(Banyiri ibigo/ Abanyamigabane/Umuryango) | ✗ Nyiri ikigo cyangwa banyiri ikigo bake<br>✗ Ba nyiri ikigo ubwabo bagenzura buri gice kigize ubucuruzi | ✗ Abanyamigabane bashya badafite ububasha m'ubucuruzi bashoboka (indani cyangwa mu bajyanye n'indani)<br>✗ Banyiri ibigo bakomeza kurusha abandi ububasha ndetse no gukurikina ibintu byose<br>✗ Kongera umubare w'abo m'umuryango bafite inshingano mu mikorere | ✗ Abanyamigabane bashya badafite ububasha m'ubucuruzi bashoboka (indani cyangwa mu bajyanye n'indani)<br>✗ Abashoboramari bashya bagira ijambo ku ngamba m'uburyo budakurikije amabwiriza, ariko nta ruhare ruziguye bagira mu bikorwa<br>✗ (Iyo umushoramari mukuru y'injiye mu kigo, gihita kijya m' Urwego 4) | ✗ Amahitamo Rusange:<br>a. Banyiri ibigo, ibigo by'imari byigenga, n'abandi bashoramari<br>b. Kwiyongera kw'uburenganzira bw'umuryango k'ubucuruzi/ guhinduka kw'ikiragano<br>c. Kujya kw'Isoko Rusange (Kugurisha Imigabane ku Bashoramari)<br>✗ Abashoramari basaba uburyo bwo kugenzura n'icyerekezo by'ikigo. |

* Bishobora gutandukana bitewe n'ubwoko bw'ikigo, rero iyi mirongo ngenderwaho igamije kwerekana umurongo mugari.

# Ibigize Imiyoborere y'Ibigo Bito n'Ibiciriritse: Kumenya Ibikorwa Nashishikarijwe Gukora k'Ubucuruzi Bwange

K'umusozo wiki gice, uzaba ushobora gukora neza ibi bikurikira:

- Muzabona uko inama z'uruhererekane zitangwa mu miyoborere zikemura ibibazo by'ikigo kuri buri rwego.
- Muzasobanukirwa ishusho ngari y'uburyo imiyoborere ikurana n'ikigo.

**Ibigize Imiyoborere y'Ibigo Bito n'ibiciriritse n'ingena mikorere yuzuye ifasha m'ugukemura ibibazo runaka by'ibigo n'abashoramari babyo kuri buri rwego rw'iterambere ry'ibigo bito n'ibiciriritse.** Ikigamijwe n'ugufasha ibigo gutera imbere ntangorane kandi bizamuka mu nzego, bihora byibanda ku bintu bya ngombwa ku rwego rw'iterambere bigezeho. Ibigize imiyoborere bivuga muri make ibikorwa byingenzi m'ukugabanya ubukana bw'ibibazo hamwe n'ingingo z'imiyoborere eshanu zingenzi zikurikira:

**A** **Umuco no Kwimakaza Imiyoborere Myiza** bikubiyemo kumenya ibintu, umurava ugaragara, n'indangagaciro bya nyiri ikigo, birimo nko kugira imiterere y'ubucuruzi, no kugira ingamba n'uburyo bw'imikorere byingenzi.

**B** **Ifatwa ry'Ibyemezo n'igenzura ry'ingamba** byerekana uburyo ifatwa ry'ibyemezo rikeneye kuva ku kuba inshingano y'umuntu umwe bikajya ku gukorerwa hamwe ndetse bihuriweho. Byerekana ibikoresho byo guhuriza hamwe itsinda ry'ubuyobozi—noneho nyuma hakaza itsinda ry'abajyanama n'inama nyobozi. Ibijyanye n'abakozi ndetse na gahunda yo gusimburana ku mirimo nabyo bigomba gukemurirwamo hano, kubera ko m'ubusanzwe ibigo bito n'ibiciriritse bigira abafata ibyemezo bake, bigaragaza ikibazo gikomeye cyo kwishingikiriza ku muntu wingezi ku kigo.

**C** **Gukemura Ibibazo n'Igenzura ry'Ibibera mu Kazi** bitangirana ishusho ngari— ibigize igenzura rusange nkuko byagarutsweho m'umuco ndetse n'indangagaciro by'ibigo— kandi bireba ibibazo runaka bijyanye no kugenzura ndetse no gukemura ibibazo, gucunga amafaranga yinjira n'asohoka, gucunga ikoranabuhanga rya mudasobwa n'imirongo y'itumanaho, ndetse n'igenzura ry'indani n'iritutse hanze.

**D** **Gutanga Amakuru n'Ubunyangamugayo** birimo gutanga amakuru arebana n'imari n'ibitari imari ku bashoramari ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bigenzi.

**E** **Uburenganzira k'Ubucuruzi** bugizwe n'ingamba ndetse n'imikoranire bishyimangira uburenganzira n'inshingano z'abanyamigabane. Harimo uburenganzira bw'abanyiri ikigo n'abagize umuryango, gutegura inama rusange ngarukamwaka, no gukemura ibibazo biri hagati y'abanyamigabane.

Ingingo eshanu zivugwa mu bigize ibigo bito n'ibiciriritse zavanywe mu Ngenga Miyoborere y'Ibigo ya IFC, ikoreshwa mu bigo byimari birenga 30 kw'Isi hose. Ingenga Miyoborere y'Ibigo ya IFC, nayo, ishingiye kuri OECD [8] Amahame Agenga Imiyoborere y'Ibigo (OECD 2015). Ku bw'ibyo rero, ibigo bito n'ibiciriritse nibikoresha Ingenga Miyoborere y'ibigo bito n'ibiciriritse ya IFC bizashobora kuzazamuka byumwimerere bigere mu miyoborere "y'ibigo binini" m'uko buzagenda bukura.

N'ingenzi kumenya izi ngingo zikurikira:

- **Imbonerahamwe 2.2** ivuga muri make Ibigize Ibigo Bito n'ibiciriritse, igatanga ishusho rusange (amakuru arambuye ari mu Gika 3).
- Inama zatanzwe kuri buri ngingo n'uruhererekane—zubakira k'ubikorwa by'inzego zabanje.
- Ibikubiye mu ngingo eshanu z'imiyoborere kuri buri rwego bikozwe muburyo bitishingikirije ku kintu na kimwe kandi bwuzuzanya. Ubucuruzi bugomba kunyura mu Bigize Ubucuruzi umurongo k'uwundi. N'ingenzi ko ingingo eshanu muri buri rwego runaka zibanza zigasuzumwa mbere y'uko ikigo kijya k'urundi rwego, kugira ngo harebwe neza ko ibibazo bijyanye nazo byakemutse.

8 OECD = Umuryango uharanira Ubufatanye m'Ubukungu n'Iterambere.

# Ibigize Imiyoborere y'Ibigo Bito n'Ibiciriritse

| Ingingo z'Imiyoborere z'Ingenzi | Urwego 1 GUTANGIRA UBUCURUZI | Urwego 2 GUKURA BIHAMYE | Urwego 3 IMIKORERE Y'UBUCURUZI | Urwego 4 KWAGUKA KW'UBUCU RUZI |
|---|---|---|---|---|
| **A** Umuco no Kwimakaza Imiyoborere Myiza | X Ibikorwa by'ingenzi byatoranyijwe<br>X Amahame y'imikorere akoreshwa | X Imyanya y'ingenzi yuzuye<br>X Imbonerahamwe y'imirimo, ingamba z'ingenzi n'inyandiko y'amahame nshingiro y'ikigo | X Inzobere mu miyoborere<br>X Amabwiriza Ngenderwaho ku myanya y'ingenzi<br>X Kwandika imikorere y'ingenzi<br>X Gahunda y'ibikorwa by'ikigo | X Igenamigambi ry'imiyoborere<br>X Akamaro k'umunyamabanga w'ikigo<br>X Ibitangwa n'imiyoborere biri mu mahame y'ishyirahamwe n'amategeko ashyirwaho |
| **B** Ifatwa ry'Ibyemezo n'igenzura ry'ingamba | X Abajyanama baturutse hanze bitabazwa bidakurikije amategeko<br>X Nyiri ikigo (banyiri ikigo) bafata ibyemezo bagishije inama abayobozi ku giti cyabo<br>X Kumenyekanisha aho ububasha bw'abantu b'igenzi bugarukira | X Abajyanama baturutse hanze bitabazwa bikurikije amategeko<br>X Abayobozi nk'itsinda bafatira hamwe ibyemezo by'ingenzi<br>X Ububasha ntarengwa bw'abayobozi bakuru bwemewe n'amategeko<br>X Kumenya iby'igenzi m'ugutanga akazi/inshingano<br>X Gahunda yo guhozaho kw'ubucuruzi igenewe Umuyobozi w'Ikigo n'abantu b'ingenzi | X Inama zidashira n'izo kubintu runaka zivuye hanze zirakoreshwa<br>X Ibiganiro mu kigo cyose bijyanye n'uburyo bw'imikorere, gushaka amafaranga, gutanga akazi<br>X Itsinda ry'abayobozi/ubuyobozi (cyangwa bijyanye nabyo) ryemewe n'amategeko<br>X Ingamba z'Urwego Rushinzwe Abakozi m'ukureshya, kugumana, no gutera akanyabugabo abakozi<br>X Ingenga gahunda yo gusimburana ku mirimo ku bantu bingenzi | X Inama Nyobozi<br>X Imikorere y'itsinda ry'abayobozi bakuru ituma habaho inama z'ingirakamaro ndetse hagatangwa n'ibitekerezo by'abayobozi<br>X Itegeko rigena gahunda yo gusimburana ku mirimo ryemejwe n'itsinda ry'abayobozi bakuru |
| **C** Gukemura Ibibazo n'Igenzura ry'Ibibera mu kigo | X Inshingano z'ubucungamari bw'ibanze, gucunga iyinjira n'ikoreshwa ry'amafaranga n'imisoro<br>X Ahaturuka amafaranga na konti muri banki bitandukanye n'ibya nyiri ikigo (banyiri ikigo)<br>X Gusobanukirwa byibanze ibisabwa n'iyubahiriza ry'amategeko ngenderwaho | X Amahame y'ibanze y'imyitwarire y'ubucuruzi<br>X Ibibazo by'ubucuruzi by'ibanze— birimo kwishingikira ku muntu wingenzi— byagaragajwe<br>X Uburyo bukoreshwa bwo kwishyura imisoro, kubigira mu nyandiko no kubika inyandiko ahagaragara<br>X Kugenzura imicungire y'amafaranga | X Amabwiriza ndangamikorere n'imyitwarire y'imbitse y'ubucuruzi<br>X Intego, gahunda y'uburyo bw'imikorere, ingengo y'imari, Ibipimo by'Imizamukire y'Ikigo (KPIs) n'inshingano zizwi<br>X Umuyobozi mukuru w'imari w'umwuga<br>X Inshingano y'ubugenzuzi bw'ibanze imbere mu kigo<br>X Amategeko n'amabwiriza yo kugenzura no kugabanya ubukana bw'ibibazo by'imikorere niby'ahazaza<br>X Amashami yubucuruzi agira ububasha, imirongo yo gutangiramo inshingano n'imirimo n'imirongo ngenderwaho bisobanutse | X Uburyo bwiza bwo kugenzura ibibera mu kigo (urugero: bushingiye kuri COSO)<br>X Abagenzuzi bigenga baturuka hanze y'ikigo<br>X Inyandiko n'amakuru arambuye k'ukugurisha na konti bikozwe ku gihe kandi bitekanye |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **D** **Imurikabikorwa n'Ubunyangamugayo** | ✗ Konti z'ibanze z'amafaranga ziteguwe<br>✗ Ayo makuru y'imari n'amakurushingiro bikoreshwa ku mpamvu zose | ✗ Guhuza amafaranga yanditse mw'icungamari nari kuri konti y'ikigo bikorwa burikwezi byerekwa banyiri ikigo bose<br>✗ Mu gihe runaka, nyiri ikigo (banyiri ikigo), abanyamigabane, n'abayobozi bakuru bahabwa amakuru ahamye y'imari n''ibitari imari<br>✗ Isura rusange y'ikigo imaze kunozwa | ✗ Inyandiko zigaragaza uko imari ihagaze hagendewe ku bipimo fatizo by'ibaruramari by'igihugu<br>✗ Umuntu uri mu mwanya wo gutanga amakuru arazwi<br>✗ Ibyemezo by'ingenzi bitangarizwa abakozi bose nkuko amategeko abigena<br>✗ Amakuru arambuye y'ibanze ku mikorere yerekwa abajyanama baturutse hanze y'ikigo<br>✗ Amakuru y'ingenzi aterekeranye n'imari ashyirwa ahabona | ✗ Amakuru arambuye y'imari ku bigo bito n'ibicirirtse akorwa hagendewe ku Bipimo Mpuzamahanga by'Amakuru Arambuye y'Imari cyangwa U.S. GAAP (iyo ikigo gifite/ gishaka abashoramari baturutse hanze y'igihugu)<br>✗ Uko imari ihagaze bigenzurwa n'ikigo cyemewe cy'igenzura<br>✗ Amakuru arambuye y'imari nay'imikorere yuzuye atangwa buri gihembwe ashyikirizwa abashoramari<br>✗ Amakuru arambuye y'umwaka (cyangwa igihe kijya kungana nawo) arakusanywa. Abanyamigabane bahabwa amakuru uko bayasabye |
| **E** **Uburenganzira ku mutungo** | ✗ Akamaro n'inshingano bya nyiri ikigo (banyiri ikigo) ziramenyekana neza<br>✗ Gusobanukirwa by'ibanze inshingano z'abagize umuryango wa banyiri ikigo bose<br>✗ Uburyo bwo gukemura ibibazo mu banyamigabane | ✗ Itandukaniro hagati y'ibibazo bijyane n'umuryango n'ibitajyanye n'umuryango ryitabwaho<br>✗ Kumenya gahunda yo gusimburana ku mirimo m'ubucuruzi bw'umuryango<br>✗ Inama ngarukamwaka z'abanyamigabane | ✗ Itandukaniro rigaragara hagati y'ishingano za nyiri ikigo (banyiri ikigo), abagize umuryango n'abayobozi<br>✗ Uburyo bwo kuzamuka mu nzego bugaragara ku bayobozi batari mubagize umuryango<br>✗ Gahunda yo gusimburana ku mirimo m'ubucuruzi bw'umuryango<br>✗ Inama ngarukamwaka y'abanyamigabane irangwamo no kuganira ku byemezo by'ingenzi byafashwe, inyungu zishyurwa abanyamigabane n'ibikorwa | ✗ Amategeko n'uburyo bufasha kugenzura uburenganzira ku kugo, akazi, n'izindi nyungu by'abagize umuryango<br>✗ Abanyamigabane bose bahabwa amakuru agezweho ku ngamba, uburyo bw'imikorere, n'umusaruro by'ikigo<br>✗ Uburyo bwo gukemura ibibazo bijyanye n'imiyoborere |

* Amategeko amwe asaba ibigo kuba bifite inama nyobozi igihe biri kwiyandikisha ngo byemerwe n'amategeko. Inama nyobozi nkizo akenshi ziba ari umurimbo. Iyi fashayobora iteganya ko inama nyobozi idatangira gukora bitanga umusaruro kugeza ikigo kigeze k'Urwego 4.

- Imbonerahamwe ivuga muri rusange amasoko n'amoko y'ibigo yose. Akamaro igirira ibigo runaka gashobora gutandukana. Koresha ubumenyi bwawe ndetse/cyangwa na serivisi z'ubujyanama bw'umwuga kugira ngo umenye inama zagirira akamaro ikigo cyawe.

- Ifashayobora yemera ko umuryango wa banyiri ibigo ari ingingo igomba kuvugwaho, hatitawe ko ibigo bito n'ibiciriritse byibona nk'ubucuruzi bw'umuryango.

- Bimwe mu bibazo bivugwa muri iyi fashayobora, byumwihariko mu Nzego 1–3, bijyanye cyane n'imicungire kurusha uko bijyanye n'ibizwi m'ubusanzwe "nk'imiyoborere." Ibi byakozwe ku bushake. Bimwe mu bibazo by'ubuyobozi bigomba gukemurwa mbere yuko imiyoborere itangira gushyirwaho neza. Ibi byakitwa ibibazo "*bibanziriza*imiyoborere".

Mu kwerekana uko uruhurirane rw'ibikorwa byatanzwe mo inama rumeze, reka turebe ku ngingo z'ingenzi z'imiyoborere ***A. Umuco no Kwimakaza imiyoborere myiza.***

Kuri iyi ngingo y'imiyoborere, ibigo bito n'ibiciriritse biri k'Urwego 3 bishobora gukora ibikorwa byo kuyobora bikurikira k'Urwego 3 (byubakiye ku nzego ebyiri zishize): kugira amahame
y'imikorere; kugaragaza umumaro w'ingenzi; gutoranya ibikorwa by'ingenzi; kuzuza imyanya y'ingenzi; imbonerahamwe y'imirimo, ingingo z'ingenzi, no gukoresha inyandiko y'amahame y'ibanze y'ubucuruzi; kugaragaza inzobere mu miyoborere; gushyiraho amabwiriza ngenderwaho ku myanya y'ingenzi; kwandika imikorere y'ingenzi; no gushyiraho gahunda y'ibikorwa by'ikigo.

Kandi, kubera ingingo z'imiyoborere zitishingikiriza ku zindi, ibi bikorwa byo kunoza ***Umuco no Kwimakaza Imiyoborere Myiza*** bigomba guherekezwa n'ibikorwa bijyanye nabyo ku zindi ngingo enye zindi z'imiyoborere. Urugero, ikigo kiri m'Urwego 3 kizahura n'ukwiyongera mu gutanga imirimo (***B. Ifatwa ry'ibyemezo no Kugenzurana Intego***), bigomba gufashwa n'igenzura ry'ibibera mu kazi rinoze (***C. Gukemura Ibibazo n'Igenzura ry'ibibera mu kazi***) kugirango inshingano zuzuzwe.

***IGIKURIKIRA:*** ***Igika 3 "cyagura" Ibigize Imiyoborere y'Ibigo Bito n'Ibiciriritse. Gitanga ubusobanuro burambuye bwa buri ngingo y'imiyoborere kandi gisobanura birambuye ibikorwa byerekeranye byatanzwemo inama.***

# Igika 3

## Ingingo z'Ingenzi z'Imiyoborere n'Ibikorwa byo Kuyobora

# 3. Ingingo z'Ingenzi z'Imiyoborere n'Ibikorwa byo Kuyobora

***K'umusozo w'iki gika, muzaba mushobora gukora neza ibi bikurikira:***

- **Gusobanukirwa Ingingo z'ingenzi z'imiyoborere n'ibijyanye nazo.**
- **Kwiga ibijyanye n'ibikorwa by'imiyoborere bihuye n'urwego rw'ibigo byanyu.**

IKI GIKA cyibanda k'uguhitamo amahame n'ibikorwa by'imiyoborere byerekanwa mu Bigize Imiyoborere y'Ibigo Bito n'Ibiciriritse byakozwe na IFC (***yerekanywe mu mbonerahamwe 2.2 k'urupapuro 23***). Ibi bikorwa byo kuyobora bisasira igena migambi. Banyiri ibigo bito n'ibiciriritse bazashobora kubona ibice bibura cyangwa bigenda buhoro kuburyo bategura ibikorwa bikenewe m'ukubaka ibigo bito n'ibiciriritse bikomeye kurushaho binyuze m'uburyo bw'imiyoborere myiza.

**ICYITONDERWA: Umugereka wiyi fashayobora utanga umwanya w'imyitozo wo gufasha gukora iki gikorwa.**

# A

## Umuco no Kwimakaza Imiyoborere Myiza

*"Imiyoborere y'ibigo myiza yerekeye 'ukugira ukuri' no kudakurikiza gusa amategeko n'amabwiriza, igishoro kibonwa n'ibigo bifite ubu bwoko bw'imiyoborere myiza."*

*— Mervyn King, Umuyobozi wa, King Report*

| Urwego 1 GUTANGIRA UBUCURUZI | Urwego 2 GUKURA BIHAMYE | Urwego 3 IMIKORERE Y'UBUCURUZI | Urwego 4 KWAGUKA KW'UBUCU RUZI |
|---|---|---|---|
| x Ibikorwa by'ingenzi byatoranyijwe<br>x Amahame y'imikorere akoreshwa | x Imyanya y'ingenzi yuzuye<br>x Imbonerahamwe y'imirimo, ingamba z'ingenzi n'inyandiko y'amahame nshingiro y'ikigo | x Inzobere mu miyoborere<br>x Amabwiriza Ngenderwaho ku myanya y'ingenzi<br>x Kwandika imikorere y'ingenzi<br>x Gahunda y'ibikorwa by'ikigo | x Igenamigambi ry'imiyoborere<br>x Akamaro k'umunyamabanga w'ikigo<br>x Ibitangwa n'imiyoborere biri mu mahame y'ishyirahamwe n'amategeko ashyirwaho |

Nyiri ikigo gito n'igiciriritse akeneye kwerekana ko imiyoborere y'ibigo ari ingenzi kandi ari umusingi kw'iterambere rirambye ry'ikigo. Ibi bigomba gukorwa biciye m'ukunyura mu ngingo zikurikira:

**x Ubumenyi bwa Nyiri Ikigo no Kwimakaza Imiyoborere Myiza**

**x Imiterere y'Ubucuruzi Ikwiye**

**x Ingamba z'Ingenzi n'Uburyo bw'Imikorere**

Ubumenyi n'umurava bya nyiri ikigo bitangirana na nyiri ikigo yerekana ko ashoboye gukurikiza umurongo ngenderwaho abinyujije m'ukugira ubucuruzi ubwemewe n'amategeko m'Urwego 1. Uko ubucuruzi burushaho kugira ibice bitandukanye, bwibanda birushijeho k'uguhindura uburyo bw'imikorere itegeko no gushyiraho icyerekezo nyacyo n'umuco by'ikigo.

M'uburyo nk'ubwo, imikorere y'ubucuruzi ishobora kuba itarakurikizaga amategeko ku rwego rwo Gutangira noneho ihita ihindurwa itegeko ikagira ububasha n'inshingano bisobanurwa n'ingamba ndetse n'uburyo bw'imikorere bwemewe.

## Ubumenyi n'Umurava bya Nyiri Ikigo

Ugukomera no guhomba kw'ubucuruzi biterwa cyane n'uburyo nyiri ikigo ashaka ubumenyi bukenewe kandi n'uko yongera ibyo aha agaciro cyane m'uko ubucuruzi bukura. Munsi hari bimwe mu bintu byafasha (Churchill na Lewis 1983):

x *Intego za nyiri ikigo* ziva ku kwibanda k'umuntu ku gite cye zikajya k'uburambe n'inyungu

Iri hinduka ry'inshingano za nyiri ikigo kuva k'ukuyobora ibikorwa akajya ku kuyobora ikigo bikiganisha ku cyerekezo bisaba nyiri ikigo gushyiraho no gukomeza inzego z'imicungire n'ubuyobozi zinoze (byavuzweho ***m'Ugufata Ibyemezo no Kugenzurana Intego guhera k'urupapuro 34***), no gufasha ubucuruzi kuba ubw'umwuga binyuze m'ugushyiraho imitere y'ikigo hamwe n'ingamba ndetse n'uburyo bw'imikorere bunoze.

## Imikorere y'Ikigo

Imikorere y'ikigo irantandukana cyane, bitewe n'ubwoko bw'ubucuruzi, igice n'izindi mpamvu nyinshi. Ibi bikurikira n'imikorere yuzuye y'ikigo ifasha ibigo bito n'ibiciriritse gutera imbere neza:

**X** Ibigo biva ku mikorere y'ubucuruzi ihindagurika ndetse n'ububasha bwikubiwe cyane n'igice kimwe bikaba ibigo bifite imikorere yumvikana kandi bifite inzego kuva hejuru kugera hasi, bifite imirimo, inshingano, imirongo itangirwaho inshingano n'ububasha bizwi.

**X** Uburyo bw'imikorere burahinduka bukava kugukoresha amatsinda akora imirimo itandukanye, bugakoresha inshingano zizwi, zijyanye n'ubumenyi ndetse no gukorera hamwe kw'amatsinda.

Mu myaka mike ishize, urwego rw'ubushakashatsi mu mikorere y'ibigo rwateye imbere kandi ruzana inama zitandukanye zifite umwihariko zo gufasha ibigo kongera umusaruro wabyo.Icyo twibandaho hano ari imiyoborere y'ibigo, twita ku ngingo imwe: Gukenerwa kw'inzobere mu miyoborere yo gushyiraho no kuyobora ingamba n'uburyo bw'imikorere buzana imiyoborere myiza.

Mu minsi yambere y'ibigo bito n'ibiciriritse, Nyiri ikigo/Umuyobozi Mukuru agomba kuba afite inshingano y'inzobere, byumwihariko iyo bije m'ugusobanurira akamaro k'imiyoborere myiza ku bakozi no gusobanura amahame y'ingenzi agenga ubucuruzi. Uko ibigo byegera Urwego 3, ariko, iyi nshingano izarushaho gusaba ubuzobere buhagije n'ubuhanga mu miyoborere. Nicyogihe bisobanuka gushyiraho umuyobozi ubishoboye cyangwa umunyamategeko w'ikigo ukora iyi nshingano. Uko ubucuruzi bukura bujya m'Urwego 4, umwanya uhoraho w'inzobere m'ubuyobozi ushobora gushyirwaho; uyu mwanya ubusanzwe witwa ***umunyamabanga w'ikigo*** (unazwi nk'umunyamabanga w'ubucuruzi, inararibone mu miyoborere cyangwa uhagarariye ikigo mu masoko amwe n'amwe).

Inshingano z'umunyamabanga w'ikigo ni ngari kandi m'ubusanzwe zikubiyemo izikurikira:

**X Umwanditsi:** Kwandika ibyavugiwe mu nama nyobozi.

**X Umunyamategeko:** (Ntabwo ari ingenzi) ashinzwe gutuma ikigo cyubahiriza ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza yacyo yose.

**X Umujyanama n'umunyamabanga w'inama nyobozi** muri rusange no kuri buri muyobozi ku giti cye, harimo umuyobozi mukuru, ku bijyanye n'imiyoborere byose. Umunyamabanga w'ikigo agomba gutanga inama ku bintu byinshi, birimo uko inama zikorwa, gusimburana kw'inama nyobozi, gushyiraho no gukuraho abayobozi, ku kurwanira inyungu bwite n'ibigezweho mu miyoborere.

**X Umwarimu n'umuyobozi w'imiyoborere:** gufata iyambere ku bintu bijyanye n'imiyoborere, nko gushyiraho ingenga miyoborere nziza. Hamwe n'umuyobozi mukuru, umujyanama w'ikigo agomba gufasha abayobozi bashya kumenyera ikigo neza kandi akamenyako gahunda ihagije kandi yumvikana yo kwigisha by'umwuga abayobozi iri gukorwa.

**X Guhererekanya amakuru hagati y'inama nyobozi n'ubuyobozi:**
Umunyamabanga w'ikigo ari mu mwanya wihariye wo gufasha ihererekanya makuru hagati y'inama nyobozi n'ubuyobozi. Urugero, umunyamabanga w'ikigo atoza ubuyobozi kugera kubyo inama nyobozi ibitezeho bijyanye n'amakuru ndetse no kwitwara neza mu nama bagirana n'inama nyobozi. Umunyamabanga w'ikigo anagira uruhare rw'ingenzi mugutanga ubutumwa buvuye mu nama nyobozi bugenewe abayobozi.

**X Umubano hamwe n'abanyamigabane n'abandi bafatanyabikorwa:** Umunyamabanga w'ikigo agira uruhare rukomeye m'ukugira ihererekanya makuru n'ubumenyi byiza, byumwihariko bijyanye n'inama rusange ngaruka mwaka. Umunyamabanga w'ikigo ashobora kuba anashinzwe umubano n'abandi bafatanyabikorwa, harimo na b'ingenzi m'ugufata ibyemezo.

## Gahunda nyamukuru n’uburyo zikorwamo

Inama nyinshi zijyanye n'imiyoborere ku ngamba n'uburyo bw'imikorere[9] zibanda ngingo zihariye, nk'urwego rushinzwe abakozi, igenzura ry'ibibera mu kazi, ifatwa ry'ibyemezo, n'ibindi, kandi zizavugwaho mu bice bijyane nazo by'iki gika. Mu rwego rw'ingamba n'uburyo bw'imikorere by'ingenzi, ibikorwa byasobanuwe munsi byibanda kuri ibi bikurikira:

**x** Kongera ubumenyi ku kwimakaza imiyoborere myiza mu kigo, ku bakozi, abanyamigabane ndetse n'abandi bafatanyabikorwa, binyuze mu nyandiko z'ingenzi z'ikigo, nk'amahame y'imikorere, n'izindi nyandiko z'ikigo;

**x** Gushyigikira imiterere y'ubucuruzi mu yandi mashami bivuye mu kugenzura ishyirwaho uburyo bwo gutanga amakuru bukwiye n'imikorere iboneye yo gusangira amakuru hagati y'amashami.

ACCA (Ishyirahamwe ry'Abacungamari b'Umwuga) yashyizeho igikoresho kuri murandasi cy'ubuntu kandi gifite akamaro kigamije gufasha ibigo gutondekanya amahame n'uburyo bw'imikorere hamwe n'icyerekezo cy'ubucuruzi n'uburyo bwo kukigeraho. Igikoresho cya ACCA cy'Umuco w'Imiyoborere kiboneka kuri ***https://bit. ly/2CHBtcB***.

A LP

# Ibikorwa ntangarugero:
# Umuco no Kwimakaza Imiyoborere Myiza

Ahakurikira, tugaragaza ibikorwa bifite iyambere kuri buri rwego rw'iterambere ry'ibigo bito n'ibiciriritse, hakoreshejwe ibyiciro byagarutsweho hejuru:

- **Kumenya Ibintu n'Umurava wa Banyirubucuruzi**
- **Imiterere y'Imikorere**
- **Ingamba z'Ingenzi n'Uburyo bw'Imikorere**

Menya ko ibi bikorwa bikomatanyije: ibikorwa byo mu nzego zibanza byubakiye ku byo mu nzego ziheruka. Bimwe mu byifuzo bishobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo bwimbitse mu nzego zitandukanye bitewe n'impamvu, cyangwa bigashyirwa mu bikorwa mu gihe ubucuruzi buri kuva mu rwego rumwe bujya m'urundi. Koresha umutimanama wawe mu kugena igihe cyiza kurushaho kibereye ubucuruzi bwawe.

## Urwego 1: GUTANGIZA UBUCURUZI

### *Ubumenyi n'Umurava bya Nyiri Ikigo*

Andikisha ubucuruzi bawe mu buryo bwujuje amategeko ( nk'ubucuruzi, rwiyemezamirimo) kugirango ubucuruzi butandukane n'umuntu.

### *Imikorere y'Ikigo*

Garagaza ibikorwa nyamukuru ngombwa by'ikigo kandi ugende ubigabanya abagize ikipe yanyu y'ibikorwa bitandukanye.

Kuri uru rwego rwo gutangira, ikigo kiba ari gito kitagira inzego n'amashami atandukanye, ariko ni ngombwa kugaragaza ibikorwa by'ubucuruzi by'ingenzi bikeneye gucungwa, nk'imari, urwego rushinzwe abakozi, kwamamaza n'ubuyobozi. Gutanga inshingano kuri aka kazi ku bagize itsinda byongera kuzuza inshingano bikanoroshya gutanga ubutumwa mu buryo bunoze.

### *Gahunda nyamukuru n'uburyo zikorwamo*

Gushyiraho amahame y'ishyirahamwe n'ayandi mahame akenewe kugirango ahereze umurongo wo kugena itangwa ry'imirimo.

## Urwego 2: GUKURA BIHAMYE

### *Ubumenyi n'Umurava bya Nyiri Ikigo*

Gukora inyandiko ivuga ku cyerekezo, misiyo, n'amahame y'ingenzi maze igahabwa abakozi. Gushyira abakozi bawe mw'ikorwa ry'iyi nyandiko, ngo bumve ko ubucuruzi ari ubwabo hamwe n'ahazaza habwo. Iyi nyandiko izaba ari na ngombwa mu gutera akanyabugabo abakozi bawe, byumwihariko abayobozi bakuru (**reba *Kongera ibitera umwete* k'urupapuro 46**), no gushyiraho uburyo bwiza bw'ingenzura ry'ibibera mu kazi (**reba *Ibigize Igenzura ry'Ibibera mu Kazi* k'urupapuro 53**).

### *Imikorere y'Ikigo*

Kora ku buryo imirimo fatizo ya ngombwa ku mizamukire y'ubucuruzi yaba yarakozwe binyuze mu gushaka abakozi ku buryo butaziguye cyangwa bishyizwe hanze.

Garagaza ibigomba gukorwa kuri buri mwanya w'akazi. Kwibuka kumenyesha ubuyobozi/gutanga raporo y'inshingano--menya niba uyu mwanya ufite raporo zo gutanga n'aho washyirwa mu mbonerahamwe y'ikigo, no gusuzuma niba ubusobanuro bugaragaza neza ukuzuza inshingano (ibikenewe gutangwa/ibisubizo).

Sobanura, wandike kandi umenyeshe abakozi bose imyubakire y'inzego hamwe n'urukurikirane mu nzego n'uburyo bwo gutanga za raporo. Sangira ubu butumwa hamwe n'abakozi nk'gice kigize ibikorwa byo kwakira abakozi bashya. Impinduka zigira ingaruka ku bakoze ku giti cyabo zigomba gusangirwa nabo buri wese ku giti cye.

### *Gahunda nyamukuru n'uburyo zikorwamo*

Shyira cyangwa wongere amahame fatizo, aho yakoreshwa, mu nzira zo kugenga ubutware/akamaro. Aya mahame ni ingenzi ku buryo butanga umusaruro bwo kugenga imikorere y'ikigo (**Reba *Ibigize Igenzura ry'Ibibera mu Kazi*, k'urupapuro 53**). Kubirebana n'amahame n'imikorere, abayobozi bagomba kugira inshingano zo kugenzura ibikorwa by'abakozi bashinzwe. Gushyiraho uburyo bw'ibiganiro bigaruka hamwe n'abayobozi kugirango habeho isuzuma ry'uburyo bugenzura imikorere bunapima ibikorwa by'abakozi. Niba bikenewe, ukore ibikorwa

## Urwego 3: IMIKORERE Y'UBUCURUZI

byigorora bigamije guteza imbere yaba amahame n'imikorere hamwe n'ibikorwa.

### *Ubumenyi n'Umurava bya Nyiri Ikigo*

Erekana ko ufite ubushake bwo gushyiraho imiyoborere ikomeye uganira n'abayobozi ndetse n'abakozi ku kamaro kayo. Kugirango ubucuruzi bushyire mu bikorwa imiyoborere myiza, buri wese agomba kubwemera. Ni n'ingenzi ko urugero rwerekanwa n'abayobozi bakuru, binyuza mu mahame, ibikorwa n'isaranganyamakuru. Mu nama,

fata umwanya wo kuganira ku miyoborere myiza n'ingaruka nziza zabwo--kongera ubukangurambaga n'ubushake mu gushyira mu bikorwa ibikorwa bifite iyambere.

Sobanura unakomeze gusobanura intumbero y'ubucuruzi. Bizamenyesha abayobozi bafata imyanzuro, bayobora n'itegurwa ry'ibikorwa, ikanagira akamaro ko gutera imbaraga abakozi.

### *Imikorere y'Ikigo*

Shyiraho umuntu ushinzwe guteza imbere ibikorwa by'imiyoborere n'uburyo byubahirizwa. Uyu mwanya ushobora guhabwa umukozi usanzwe afite akandi kazi m'ubucuruzi (nk'umunyamabanga mukuru) cyangwa umukozi udahoraho nk'umwe mu bakozi cyangwa avoka (umwunganizi mu mategeko).

Gutegura isuzuma rigaruka ryo kugenzura imbonerahamwe y'ubucuruzi nuko gutanga raporo bigenda. Gukura kw'ibigo bito n'ibiciriritse byasaba aya magenzura kuba inshuro nyinshi. Shyira aya magenzura nk'igice mu gikorwa cy'isuzuma, no gukora ku buryo impinduka iyo ariyo yose imenyeshwa abakozi mu gihe nyacyo.

### *Gahunda nyamukuru n'uburyo zikorwamo*

Andika unasuzume inshuro nyinshi umusaruro w'ibikorwa by'ingenzi (ibaruramari, urwego rushinze guhaha, n'ibindi). Tekereza niba byumvikana gushyiraho umuntu wo gukora akazi ko gusuzuma, ku rwego rw'ubucuruzi bwose, iyubahwa ry'amahame n'imikorere. Shyiraho uburyo bw'itumanaho bwemewe n'amategeko hagati y'umuntu ushinzwe igenzura n'abandi bose bakorera ikigo, byumwihariko abayobozi, abarebera abayobozi nabanyiri ikigo.

Gutangira gukora gahunda y'ibikorwa by'ubucuruzi (inama z'amatsinda, kwitabira kw'ubucuruzi mu nama no mu mbuga rusange, n'ibindi).

## Urwego 4: UKWAGUKA K'UBUCURUZI

### *Ubumenyi n'Umurava bya Nyiri Ikigo*

Gushyiraho akazi k'umunyamabanga w'ubucuruzi wo gutegura imikorere itanga umusaruro y'inama nyobozi, gufasha inama nyobozi kunoza imikorere y'ubuyobozi no gutegura inama ngarukamwaka y'abanyamigabane.

### *Imikorere y'Ikigo*

Gushyiraho inama nyobozi yo gukora akazi k'ingenzi ko kugenzura no gutanga inama mu mikorere. (**Reba *Inama Nyobozi*s, paji ya 37.**)

### *Gahunda nyamukuru n'uburyo zikorwamo*

Gushyiraho umugambi w'ibikorwa ukubiyemo ibikorwa birambuye, igihe bikorerwa, n'inshingano kugirango imiyoborere itere imbere.

Gushyiraho ingingo z'imiyoborere, harimo uruhare rw'abanyamigabane bose n'abafatanyabikorwa b'ingenzi. Shyira izi ngingo mu mahame y'ishyirahamwe, amasezerano y'abanyamigabane n'agatabo k'abakozi. (Rimwe na rimwe kitwa agatabo k'igenga mikorere y'abakozi, ako gatabo gatangwa n'ubucuruzi ku bakozi bose kakaba ubusanzwe kaba gakubiyemo inyandiko ku myitwarire, amahame, n'uburyo ibikorwa biba m'ubucuruzi.)

# B

# Ifatwa ry'Ibyemezo n'igenzura ry'ingamba

***"Ntabwo byumvikana guha akazi abantu b'abahanga hanyuma ukakababwira icyo gukora; duha akazi abantu b'abahanga kugirango batubwire icyo gukora."***

***— Steve Jobs***

| Urwego 1<br>GUTANGIRA UBUCURUZI | Urwego 2<br>GUKURA BIHAMYE | Urwego 3<br>IMIKORERE Y'UBUCURUZI | Urwego 4<br>KWAGUKA KW'UBUCU RUZI |
|---|---|---|---|
| x Abajyanama baturutse hanze bitabazwa bidakurikije amategeko⍰<br>x Nyiri ikigo (banyiri ikigo) bafata ibyemezo bagishije inama abayobozi ku giti cyabo<br>x Kumenyekanisha aho ububasha bw'abantu b'igenzi bugarukira | x Abajyanama baturutse hanze bitabazwa bikurikije amategeko<br>x Abayobozi nk'itsinda bafatira hamwe ibyemezo by'ingenzi<br>x Abafite ububasha ntarengwa bashinzwe gushyira umukono ku nyandiko z'ikigo bemewe n'amatego<br>x Kumenya iby'igenzi m'ugutanga akazi/inshingano<br>x Gahunda yo guhozaho kw'ubucuruzi igenewe Umuyobozi w'Ikigo n'abantu b'ingenzi | x Inama zidashira n'izo kubintu runaka zivuye hanze zirakoreshwa<br>x Ibiganiro mu kigo cyose bijyanye n'uburyo bw'imikorere, gushaka amafaranga, gutanga akazi<br>x Itsinda ry'abayobozi/ubuyobozi (cyangwa bijyanye nabyo) ryemewe n'amategeko<br>x Ingamba z'Urwego Rushinzwe Abakozi m'ukureshya, kugumana, no gutera akanyabugabo abakozi<br>x Gutegura imikorere y'isimburwa mu kazi ry'abakozi b'ingenzi | x Inama Nyobozi<br>x Imikorere y'itsinda ry'abayobozi bakuru ituma habaho inama z'ingirakamaro ndetse hagatangwa n'ibitekerezo by'abayobozi<br>x Itegeko rigena gahunda yo gusimburana ku mirimo ryemejwe n'itsinda ry'abayobozi bakuru |

* Amategeko amwe asaba ibigo kuba bifite inama nyobozi igihe biri kwiyandikisha ngo byemerwe n'amategeko. Inama nyobozi nkizo akenshi ziba ari umurimbo. Iyi fashayobora iteganya ko inama nyobozi idatangira gukora bitanga umusaruro kugeza ikigo kigeze k'Urwego 4.

Iyi ngingo ivuga ku mugambi w'ubuyobozi bw'ubucuruzi hamwe n'akamaro ko gufata ibyemezo mu kugena ahazaza hawo:

**x Gufata Ibyemezo by'Ubuyobozi**

**x Abajyanama/Inama ngishwanama**

**x Inama Nyobozi**

**x Kugena isimburana mu Mirimo**

**x Igenamigambi ry'abakozi**

Ibigo bito n'icirirtse bikeneye ko ifatwa ry'ibyemezo riva aho *rishingiye ahantu hamwe* (nyiri ikigo umushinga) m'Urwego 1 bikajya aho rifatwa binyuze mu *gusaranganywa no gukorana*, rishingiye kw'itsinda ry'abayobozi ry'inararibonye hamwe *n'abajyanama* bizewe (cyangwa *inama njyanama*). Nyuma yaho, abajyanama batoranijwe batumirwa gufata umwanya mu *nama nyobozi*, yashyizweho 'Urwego 4, ngo ishyireho ubujyanama no kugenga itsinda ry'abayobozi.

Sobanura kandi utangaze imbibi z’ubuyobozi ku bakozi bakuru, nk’umubare w’ibigomba kugurwa bigomba uburenganzira bw’umuyobozi mukuru. Ikintu gikuru mu bugenzuzi bw’imbere mu kigo (***reba k'urupapuro rwa 53***) *zisobanuye neza imbibi z’ubuyobozi* kugira ngo abakozi b’imena bakomeze biyumve mu kazi kandi bafite umwete wo kugeza ikigo ku ntego zacyo. Ibi bintu ngenderwaho bizamura gukorera mu mucyo bikanagabanya kwishingikiriza ba nyiribikorwa mwifatwa ryibyemezo rya buri munsi.

### *Abajyanama/Inama Ngishwanama*

Mu kuganira ku ngamba z’imikorere, shyiramo n’impuguke zo hanze zemewe (n’ubwo byaba bitari

biteganyijwe).

## Urwego 2: GUKURA BIHAMYE

### *Gufata Ibyemezo ku buyobozi*

Rema intima y'ubuyobozi isobanura ibyemezo by'ingenzi ikanerekana ibice by'abari mu bucuruzi cyangwa abantu ku giti cyabo bemerewe kubifata. Ibi bigomba kuba birimo ibyemezo by'uwashinze ikigo/abanyamigabane, inama nyobozi (niba ihari), umuyobozi mukuru, abayobozi b'amashami n'impuguke z'abatekinisiye. Kora urutonde rw'ibyemezo by'ingenzi
n'ababifata kandi, nyuma y'ibiganiro no kujya inama aho bikenewe, garagaza abantu bagomba guhabwa inshingano, kugishwa inama cyangwa kujya bamenyeshwa buri cyemezo. Abo bose biyemeje bagomba gukurikiza ibyo ubuyobozi bwemeranyijweho—bitaba ibyo bigahanagura ikizere umukozi yari afitiwe, icyo yari yifitiye n'umurava ku kazi.

Ubuyobozi bugomba guhura kenshi nk'itsinda kugira ngo bufatanye gusubiza amaso inyuma ku bibazo byabangamiye igenamigambi no kugaragaza ingorane no gufata ingamba. Itsinda rihamagarwa n'umuyobozi mukuru ngo rige inama ku bibazo nk'uko bikwiye.

### *Abajyanama/Inama Ngishwanama*

Vuga inzego/ingingo zikeneye impuguke ziturutse hanze (gutanga amakuru ku ngamba z'ikigo, igenamigambi ry'imari, amasoko mashya n'ibicuruzwa, ibibazo bya tekinike, inzego zimiyoborere y'ikigo, imikoranire n'ibindi bigo, isura y'ikigo hanze, amahugurwa y'abayobozi cyangwa abandi). Kwibanda mbere na mbere ku bikenewe biganisha ba nyiri ikigo kwagura ubushakashatsi bwabo hirya "y'abakekwa basanzwe", ari na byo biganisha ku bugenzuzi buruseho kuba ubw'akamenyero kandi buciriritse.

Sobanura uruhare unemerere abajyanama baturutse hanze. Kora ku buryo abajyanama basobanukirwa uruhare rwabo kandi bakumva ko bitangiye bidasubirwaho kongerera agaciro ikigo.

### *Kugena isimburana mu Mirimo*

Kora igenamigambi ryo mu bihe bidasanzwe/ryatuma imirimo y'umuyobozi mukuru n'iy'abandi bantu b'ingenzi idahagarara. Rigomba kugaragaraza icyakorwa mu buryo bwihuse mu gihe habayeho kugenda gutunguranye cyangwa kutaboneka.

### *Igenamigambi ry'abakozi*

Rema uburyo bworoshye bwo kumenyesha abakozi ibyemezo, gahunda n'ingamba nyamukuru.

Andika ibyerekeye imirimo y'ushinzwe abakozi kugira ngo ube wizeye ko inshingano zose nyamukuru zibonewe umuti cyangwa zahawe abikorera batari abo mu kigo.

Shyiraho ubugenzuzi bw'imbere mu kigo (cyangwa buturutse hanze) kuri za raporo z'icungamutungo n'iz'amasesengura – kugira ngo bigufashe kugenzura ikiguzi no gufata ibyemezo by'imikorere. Amakuru y'ukuri kandi atangiwe igihe ni ingenzi cyane mu gufata ibyemezo bihamye.

## Urwego 3: IMIKORERE Y'UBUCURUZI

### *Gufata Ibyemezo ku buyobozi*

Kuri uru rwego, akanama/komite (umuyobozi mukuru n'abandi bayobozi b'ingenzi) kagomba gushyirwaho; 1) gaterana buri cyumweru/buri byumweru bibiri kakiga ku bibazo biri mu kazi 2) kagira ibihe byo guterana kugira ngo kibande bidasubirwaho ku bibazo mu kazi n'ibiri muri gahunda yashyizweho. Kora ku buryo ako kanama kagira manda n'imirongo ngenderwaho bisobanutse.

Mu gihe k'inama za komite nyobozi (urugero: buri kwezi cyangwa mu gihembwe), nimusubize amaso inyuma murebe uko iteganyamigambi ryagenze kandi nibiba ngombwa murivugurure.

### *Abajyanama/Inama Ngishwanama*

Reba niba gushyiraho inama ngishwanama izwi byakongerera agaciro sosiyete. Niba ari byo, yishyireho ku buryo bwemewe hanyuma uyitangarize abanyamigabane bose bireba.

### *Kugena isimburana mu Mirimo*

Shyiraho igenamigambi ku isimburana ry'ibanze ku bayobozi bo ku rwego rwo hejuru, kugira ngo hategurwe itsinda ry'abanyempano hakiri kare. Ba nyiri ibigo baba bashaka kugira ikizere ko bibaye ngombwa abantu biteguye kandi bafite ubushake bwo kuzuza inshingano za ngombwa zanditse mu iteganyamigambi ku isimburana zizatuma ikigo gitera imbere. Intabwe eshatu z'ingenzi zigana ku iremwa ry'itsinda ry'abanyempano ni 1) kugaragaza ko ubuyobozi bukenewe, 2) gusuzuma impano zihari ubu, 3) gukora ubukangurambaga no gutegura abayobozi babifitiye ubushobozi.

### *Igenamigambi ry'abakozi*

Gira ushinzwe abakozi umufatanyabikorwa mu kazi cyangwa igice k'itsinda ry'abacungamutungo (urugero: gufasha mu guhanga ingamba zihamye z'ahaturuka umutungo n'izo kugumana abakozi, gahunda z'imishahara n'iz'ibigenerwa abakozi, gahunda zo kuzamura ubunyamwuga n'uburyo bw'icungamutungo n'ubw'umusaruro).

Shyiraho imirongo ngenderwaho kuri buri mwanya kugira ngo werekane ibintu ngenderwaho bisobanuye neza birimo n'imyitwarire n'ibyangombwa bisabwa uyirimo. Subiza amaso inyuma urebe imyitwarire n'ibyangombwa by'abakozi bahari ubu kugira ngo urebe niba bihuye n'amabwiriza ngenderwaho.

Hanga uburyo bwo kureshya/gukurura impano zo mu rwego rwo hejuru no kuzikorera ubukangurambaga bwo gukora neza (kumenya akazi neza, ubwigenge, intego), harimo amahirwe agaragara yo kuzamura ubunyamwuga, guhemba no kureshya bishingiye ku mikorere (uduhimbazamusyi, ibikorwa ku migabane, kugabana inyungu n'ibindi).

Ita cyane ku kintu kitwa *isuku* kugira ngo ugumane abakozi, nk'aho gukorera hareshya/heza, gahunda z'imbere mu kigo, imishahara n'ibigenerwa abakozi ntagereranywa.

## Urwego 4: UKWAGUKA K'UBUCURUZI

### *Inama Nyobozi*

Risobanura neza inshingano y'inama nyobozi, byumwihariko isano yaryo n'ubuyobozi, kandi rivuga akazi n'inshingano by'abayobozi bakuru mu kigo n'ibiranga abanyamigabane mu nama nyobozi ndetse n'urwandiko ruha akazi umuyobozi mukuru.

Garagaza ubumenyi bukenewe kugira ngo inama nyobozi irangize inshingano zayo, ugendeye ku kerekezo k'imikorere y'ikigo; suzuma ubumenyi bw'iki gihe bw'Inama nyobozi kandi wite ku byuho biyirimo.

Kora k'uburyo Inama nyobozi igirwa n'abayobozi batandukanye, hagendewe ku bumenyi, amateka y'ubunyamwuga, ibiranga umuntu ku giti ke, ibitandukanye (ikigero, igitsina n'ibindi) n'iringaniza ry'abayobozi n'abatari abayobozi ndetse n'abayobozi bigenga.

Gushyiraho uburyo buhamye kandi bugera ku ntego bw'imikorere y'inama nyobozi:

- Teganya igihe gihagije k'ibiganiro byimbitse n'umusanzu uturutse mu byerekezo byose.
- Tanga ibiri ku murongo w'ibyigwa kuri buri nama, ugendeye ku ngengabihe y'umwaka y'Inama nyobozi.
- Rinda uburinganire hagati y'abahagarariye ubuyobozi n'ibiganiro by'inama nyobozi no hagati yo kwiga ku mikorere yarangiye no ku igenamigambi ry'imikorere.
- Tanga impapuro ziriho makuru y'Inama nyobozi zigamije ibikorwa kandi zisobanutse byibura iminsi itanu y'akazi mu kwezi mbere y'inama z'Inama nyobozi.
- Kwakira no kwemeza inyandiko mvugo (impaka, ibitekerezo, ibyemezo). Bikoreshe mu rwego rw'igenzura ryimbitse.

### *Kugena isimburana mu Mirimo*

Teganya ingamba za gahunda z'isimburana ku bayobozi bakuru, abayobozi b'imena n'abatekinisiye b'inzobere (harimo isimburana ry'ako kanya, iry'igihe giciriritse n'iry'ikirekire).

# C

## Gukemura Ibibazo n'Igenzura ry'Ibibera mu kigo

*“Ubugenzuzi burinda abanyembaraga nke ibishuko, abanyembaraga bikabarinda kungukira ku bandi n’ab’inzirakarengane bikabarinda urwikekwe.”*

*—Igazeti Ubugenzuzi bw’imbere mu kigo, 1977*

| Urwego 1<br>GUTANGIRA UBUCURUZI | Urwego 2<br>GUKURA BIHAMYE | Urwego 3<br>IMIKORERE Y'UBUCURUZI | Urwego 4<br>KWAGUKA KW'UBUCU RUZI |
|---|---|---|---|
| **X** Inshingano z'ubucungamari bw'ibanze, gucunga iyinjira n'ikoreshwa ry’amafaranga n’imisoro<br>**X** Ahaturuka amafaranga na konti muri banki bitandukanye n’ibya nyiri ikigo (banyiri ikigo)<br>**X** Gusobanukirwa byibanze ibisabwa n'iyubahiriza ry'amategeko ngenderwaho | **X** Amahame y’ibanze y’imyitwarire y’ubucuruzi<br>**X** Ibibazo by'ubucuruzi by'ibanze— birimo kwishingikira ku muntu w'ingenzi— byagaragajwe<br>**X** Uburyo bukoreshwa bwo kwishyura imisoro, kubigira mu nyandiko no kubika inyandiko ahagaragara<br>**X** Kugenzura imicungire y’amafaranga | **X** Amabwiriza ndangamikorere n’imyitwarire y'imbitse y’ubucuruzi<br>**X** Intego, gahunda y'uburyo bw'imikorere, ingengo y’imari, Ibipimo by’Imizamukire y’Ikigo (KPIs) n'inshingano zizwi<br>**X** Umuyobozi mukuru w’imari w’umwuga<br>**X** Inshingano y’ubugenzuzi bw’ibanz imbere mu kigo<br>**X** N’uburyo bwo kugenzura no kugabanya ibyago by’imirimo n’iby’ibikorwa<br>**X** Amashami yubucuruzi agira ububasha, imirongo yo gutangiramo inshingano n'imirimo n’imirongo ngenderwaho bisobanutse | **X** Uburyo bwiza bwo kugenzura ibibera mu kigo (urugero: bushingiye kuri COSO)<br>**X** Abagenzuzi bigenga baturuka hanze y'ikigo<br>**X** Inyandiko n'amakuru arambuye k'ukugurisha na konti bikozwe ku gihe kandi bitekanye |

Dutandukanya ingingo ikomeye *y’Ibibazo by'Imiyoborere n'Igenzura ry'Ibibera mu Kazi* n'izindi ngingo zimenyerewe barwiyemezamirimo benshi bazi, byibura mu buryo bumenyerewe:

### X Igenzura ry'Ibibera mu Kazi

### X Ubugenzuzi (bw’indani n’ubwo hanze)

Mu gisobanuro cy’ibanze cyane, *igenzura ry'ibibera mu kazi* bishobora gusobanurwa nka gahunda n’ibikorwa bifasha ibigo bito n’ibiciriritse kumenya amakosa, kuyirinda, kugaragaza magendu no kurinda icyizere mu buryo bw’imari. Ibi ni ibike mu byo ubugenzuzi bw’imbere bugomba kuzuza mu Nzego 1-2.

Icyakora, imyumvire ku bugenzuzi bw’imbere mu kigo yarazamutse bigaragara muri iyi myaka ishize. Uruhare rwabwo rwaragutse rujya mu

kwirinda ingorane kugira ngo ikigo kigere ku ntego. Komite y’imiryango y’abaterankunga (COSO)—umuryango ukomeye mu isi wita ku gushyiraho amategeko rusange yo kwirinda ingorane mu bigo, ku bugenzuzi bw’imbere no kurimbura magendu usobanura ubugenzuzi bw’imbere "nk’Inzira… yashyiriweho gutanga ubwishingizi bwimbitse ku kugera ku ntego zifitanye isano n’ibikorwa by’ikigo, gukora

raporo no ku buziranenge” (COSO 2013). Ariko n’ubwo ibipimo by’ubuziranenge bya COSO bigaragara nk’ibigoye ku bigo bito n’iciciriritse, ishyirwaho ry’uburyo bw’ubugenzuzi bugamije ingamba cyane n’ingenzi mw'iterambere ry'ikigo. Izi mpinduka z’icyerekezo ni ngombwa uhereye mu nzibacyuko ugana k'Urwego 3, mu gihe ikigo gitangiye gushyira imbaraga nyinshi mu igenamigambi ry’ibikorwa.

*Ubugenzuzi bukorwa nab'indani mu kigo* ni umurimo wahangiwe guha icungamutungo (hanyuma Inama nyobozi) ubwishingizi bwimbitse ko ubugenzuzi bw’imbere bukomeye kandi bukora neza. Uyu murimo ugaragara m'Urwego 3, gushyigikira kwegereza abantu ubushobozi bwo gufata ibyemezo.

*Ubugenzuzi bukorwa n'abo hanze y’ikigo* ni isuzuma ryigenga ry’inyandiko z’imari ritegurwa n’ikigo. Uretse kuba uyu murimo wasabwa n’itegeko, ubusanzwe ntukenewe cyane, ahubwo ibigo bito n’iciciriritse byiyambaza abanyamigabane bavuye hanze, m'Urwego 4.

## Igenzura ry'Imbere mu Kazi

Nk’uko izina ryabwo ribivuga, ubugenzuzi bw’imbere bwibanda ku ngorane mu bikorwa, amakuru arambuye n’ intego z’ubuziranenge bw’ikigo zishobora gukemurwa n’uburyo bunoze gahunda n’imikorere *y’imbere* mu kigo. Izo ngorane zirimo urugero, magendu, iyangirika ry’ibikoresho by’ikigo, ibiciro by’ibyakoreshejwe biri hejuru, ireme riri hasi ry’ibicuruzwa cyangwa amakosa mu amakuru arambuye y’imari.

Ishyirwa mu bikorwa ry’ubugenzuzi bw’imbere mu kigo riri mu nshingano z’ubuyobozi, ishami ry’ubugenzuzi ry’Inama nyobozi (iyo ihari).

### *Ibigize ubugenzuzi bw’imbere mu kigo*


Ubugenzuzi bw’imbere mu kigo bufasha ibigo bito n’ibiciririrtse kubonera ibisubizo ibi bibazo bitanu bikomeye:

- **X** Ni ubuhe buryo rusange bwakoreshwa mu bugenzuzi bwacu bw’imbere mu kigo?
- **X** Ni gute ingorane z’igenzura zigaragazwa?
- **X** Ni iki gikorwa mu kugabanya bishoboka izi ngorane?
- **X** Ni gute twabona, twasesengura, ndetse twahana amakuru ajyanye n'ibibazo?
- **X** Ni gute twakora ku buryo gahunda zose z’akazi zatanga umusaruro nk’uko byateganyijwe?

Ubwo rero, ubugenzuzi bw’imbere mu kigo bugizwe n’ibintu bitanu: igenzura ry’ahakorerwa, isuzuma ry’ingorane, igenzura ry’imirimo, amakuru, no kuyahererekanya n’ikurikiranabikorwa (**Reba Igishushanyo ya 3.1.**) Ibi bintu bikora ubudahagarara nk’urwungano mu mubiri.

1. ***Ahakorerwa Igenzura***—ni urusobe rw’ibintu ngenderwaho, imirongo n’imyubakire bigize ishingiro ry’ishyirwa mu bikorwa byo gukora igenzura ry'ibibera nu kazi mu kigo. Ahantu hakorerwa ubugenzuzi hatanga isura y’ikigo, hakagira uruhare ku mutimanama w’ugenzura ku bakozi baho; urugero ni amahame ngengamikorere/imyitwarire akunze kutitabwaho. Igizwe n'ibice *byoroshye,* nk’ubuhanga mu micungire, uburyo bw’imikorere y’ubuyobozi n’uko ubuyobozi buha abakozi uburenganzira n’inshingano.

Igishushanyo 3.1: Ibigize Igenzura ry'Ibibera mu Kazi



Ijwi riri hejuru ni ingenzi cyane kandi rizasimbura ibindi bintu mu gihe cy'amakimbirane. Urugero: iyo ubuyobozi bwibanze ku igerwaho ry'intego byanze bikunze, abakozi bashobora kumva ko bashishikarijwe gukwepa amwe mu mategeko kugira ngo bazigereho.

Ikindi kintu gikomeye ku hakorerwa igenzura, ni ingamba n'intego z'ikigo. Akenshi, yemwe n'abakozi bakuru bayobora ibigo bito n'ibiciriritse ntibamenya neza aho ikigo kigana. Ibintu birushaho kuzamba iyo bihereye ku rwego rw'ubuyobozi rwo hasi. Niba abakozi batumva intego z'ikigo, bizabagora gukora isuzuma ry'ingorane zibangamiye intego z'ikigo.

2. ***Isuzuma ry'ingorane***—ni inzira yemewe yo gutahura no gusuzuma ingorane zifitanye isano no gushaka kugera ku ntego. Ibiganiro ku ngorane zishoboka bishobora kubangamira abantu bamwe, bigatuma banga gutanga ibitekerezo n'ibibazo byabo— urugero: byumwihariko niba uwashinze ikigo/Umuyobozi mukuru atanze igitekerezo gishya bigaragara ko akishimiye. Ubwo rero, impuguke mu gukemura ingorane zitanga inama yuko buri ngamba igira
ikiganiro kigenewe ingorane yagira. "Umuyobozi" agomba gusaba byeruye ko iri sesengura ribaho. Byongeye, ikigo kigomba kuremesha inama igenewe kwirinda ingorane byibura rimwe mu mwaka.

Ba rwiyemezamirimo bagera ku ntego zabo bakora iri sesengura kenshi, ariko bakibanda ku ingorane zituruka hanze, nko guhangana n'ibindi bigo, n'amabwiriza ngenzuramikorere, mu gihe ingorane z'imbere mu kigo zirenzwa ingohe.

Inama: Ibigo bito n'ibiciriritse byifuza kuba byajya bigemura ku bigo bikuru byumwihariko ibikorera mu bihugu byinshi, akeneye gukora ku ngorane zaba ku bidukikije n'iz'uburambe bw'abakozi. Urugero: ibigo bikora ibikorwa by'ubuhinzi, bisaba ababigemurira gukemura ibibazo by'imirimo ikoreshwa abana, umutekano w'akazi n'ingaruka zikomeye byatera urusobe rw'ibinyabuzima (IFC 2013).

3. ***Ibikorwa by'igenzura***— ni ibikorwa, bishyirwaho hifashishijwe gahunda n'uburyo bwo gutahura, guhagarika ingorane no gufasha mu kwizera ko imirongo ngenderwaho y'ubuyobozi igamije kugabanya ingorane bishyirwa mu bikorwa uko bikwiye (**Reba Agasanduku 3.4 hari ingero nkeya.**)

4. ***Amakuru no guhanahana amakuru***—kora ku buryo ubuyobozi bugira amakuru ya nyayo ku gihe kandi afite ireme (yaba ayo mu kigo imbere, yaba aturuka hanze) agamije gushyigikira imikorere y'abandi bagize ubugenzuzi bw'imbere mu kigo. Ihererekanyamakuru, n'uburyo buhoraho kandi bwemewe bwo gutanga no gusangira amakuru akenewe.

Ikibazo rusange mu bigo bito n'ibicirirtse byinshi ni uko uburyo butandukanye bw'ikoranabuhanga "butaganirwaho" hagakoreshwa uburyo bw'intoki, kandi igikozwe n'intoki mu bice ibice kigira ingorane z'amakosa ya kimuntu.

5. ***Ikurikiranabikorwa***— ni amasuzumabikorwa ahoraho agamije kugaragaza niba buri kintu
mu bigize ubugenzuzi bw'imbere mu kigo ari cyiza kandi gikora neza. Guhuza za konti ni rumwe mu ngero.

## anduku 3.4: Ingero z'Imirimo y'Igenzura

**ganzira**

renganzira bugaragara n'imbibi zabwo n'ukwemeza ibikorwa by'ubucuruzi

banura imirongo y'inshingano

**za amaso inyuma ku mikorere**

nzura kenshi, kwiga ku bakozi

amya ubumenyi n'ubushobozi bw'abakozi

**anya amakuru**

ndika neza ibyabaye mu bucuruzi by'ingenzi, harimo n'abagomba kubyemeza

genzura akorwa na mashini akagena imbibe z'ibyinjizwa muri sisitemu zigenzura amatariki

impapuro za nimero mu bice ibice

ranyo cyose cyangwa ihuza ryose ryongeweho kandi ryongeye kunyuzwamo amaso

**nzura yo mu bitabo**

renganzira bugabanyije bwo kugera ku bikoresho, amafaranga make yo kwifashisha

mera

**ukanya inshingano (ibikorwa bya buri muntu bigenzurwa kandi bigasuzumwa**

## Urugero Nyigo: Ingenzura ry'Ibibera muri Rockstar

Rami Bahgat agamije kugira amaduka 100 mu gihugu cya Misiri cyose mu gihe cy'imyaka itanu. Dore igisobanuro cyihuse—twibanze gusa ku ngorane zihariye—cy'uburyo ubugenzuzi bw'imbere mu kigo buteguyemo neza bwagera kuri iyi ntego.

Muri iki gihe nta mucungamutungo n'umwe wa Rockstar uzi intego ya Rami. Rero *Intambwe 1: Ahantu Hakorerwa Igenzura* hagombye kuzamo n'abacungamutungo bakuru bagashyiraho ingamba z'iyi ntego no kubaha uburyo bwo guhura kenshi mu matsinda kugira ngo basesengure imizamukire n'ingorane.

*Intambwe 2: Isuzuma ry'Ingorane* ryagaragaza vuba ikibazo cy'amafaranga asohoka n'ayinjira. Umubaruramari mukuru yarijujuse rwihishwa ati: "Imbogamizi nyamukuru yacu ni ibura ry'amafaranga no kunanirwa kwishyurira sheki ku gihe bitewe n'isuzumabubiko ryo mu rwego rwo hejuru ryageze ku mezi arindwi y'ububiko."

Kubera iyo mpamvu, *Intambwe 3: Ibikorwa by'Igenzura* byagombye kugabanya ku buryo bugaragara umusaruro w'ikirenga. Ikigo gitumiza ibicuruzwa by'ubwoko bwinshi cyane bigurwa buhoro—kandi gishobora gutumiza iby'ubwoko bugurwa vuba bikeya. Nta buryo bw'ikoranabuhanga bufasha gucunga ku gihe igenzura ry'ububiko riba risigaye—ndetse no kubisanisha n'ibicuruzwa byatumijwe n'ibisigaye mu bubiko. Hariho "apurikasiyo" zitandukanye zikurikirana ibintu bitandukanye bigize uburyo butandukanye bwo gucuruza, gukora no kubangamirana kwabyo bikorwa n'intoki rimwe na rimwe.

Ishyirwa mu bikorwa ry'imyumvire y'uburyo bw'ikoranabuhanga *nk'ibikorwa by'igenzura* mu gukurikirana kenshi ibyacurujwe n'ububiko byafasha ikigo kurekura amafaranga "yaheze" mu bigega no kuzamura ibyo mucuruza mugamije guhaza ibyifuzo by'abakiriya.

Ubu buryo bw'ikoranabuhanga bwaba na none ikintu cy'ingenzi *cy'Intambwe 4: Amakuru n'Ihererekanywa Ryayo* ndetse *n'Intambwe 5: Ikurikiranabikorwa*. Buzashyigikirwa n'ibindi bikorwa bifitanye isano, nk'urugero, igenzura ry'ububiko.

INAMA: Rema umuyoboro uhamye wo kugaragaza magendu n'imikorere mibi. Ku Umuryango Wemewe w'Abarwanya Ruswa (ACFE) wavumbuye ko "utuntu duhabwa umuntu nyuma ya serivisi ari uburyo buriho cyane bwo gutahura, bukaba ari bwo bukora cyane bwamamaye cyane." Amasesengura ya ACFE yerekana ko amashyirahamwe afite imirongo itaziguye ari yo ikomeye mu gutahura ruswa no kuyimenya "ruswa yari ihendutse ku gipimo cya 41% kandi yatahuye ruswa vuba cyane ku gipimo cya 50%" (ACFE 2014).

### *Ibibazo byihariye*

Ubwoko bw'ingorane ibigo bito n'ibiciriritse bigomba gukemura biratandukana ikigo ku kindi, ariko amatandukaniro abiri rusange ku bigo byose— *gucunga igishoro n'imicungire y'imikoreshereze y'amafaranga* ndetse *n'ikoranabuhanga*—

bishobora kubera ibigusha ku bigo bitoya by'umwihariko.

**Gucunga igishoro n'imikoreshereze y'amafaranga.** Ku kigo, *igishoro gikora* gisobanurwa nk'ikinyuranyo hagati y'ibyinjira n'ibisohoka. Ibyinjira ni ibintu nka konti za banki n'ibikwa muri banki, ubwishingizi, ibigega (ububiko) n'imyenda ishobora kuvunjwa mu mafaranga mu mezi 12. Ibisohoka ni ibiguzi n'amafaranga akoreshwa—nk'ubwishyu by'abagemurira ikigo, ubukode, serivisi za Leta n'inyungu—bikoreshwa mu gihe kimwe, ni ukuvuga amezi 12.

Iyo ibyinjira biruta ibisohoka, igishoro kiba ari inyungu kandi ikigo gishobora kuzuza inshingano zacyo zerekeye imari mu buryo bworoshye. Bitewe n'uko ibigo bito bidashobora kugera ku nguzanyo y'igihe gito ku buryo bworoshye,ni byiza kugira ikinyuranyo cyiza cy'ibyinjira n'ibisohoka kandi cya ngombwa. Niba nyiri ikigo afite igitekerezo cyo kukizamura byihuse, amahirwe yo kugira igishoro cyiza aba ari menshi kurusha aya nyiri ikigo ushaka ko ikigo cye gikomeza kuba gito.

Abagenzuzi b'imbere mu kigo bashobora gufasha nyiri ikigo gucunga neza uko amafaranga yinjira n'uko asohoka no kunononsora imigaragarire y'ikigo, guteganya uko kizaba kimeze kera n'igenamigambi. Ubugenzuzi bw'imbere bwashobora na none gufasha gutanga ibisubizo ku mikorere mibi, bityo bikazamura icungamari ry'ikigo.

*Imikoresherezwe y'amafaranga* ni umubare w'amafaranga yinjira cyangwa asohoka mu kigo. Kugira ngo ikigo kibe gihagaze neza, ubucuruzi bwacyo bugomba kubyara imikoreshereze y'amafaranga cyiza, ni ukuvuga ko amafaranga yinjira ari menshi kurusha akoreshwa. Uburyo ikigo cy'ubucuruzi gicunga iyo mikoreshereze buterwa n'ibintu byinshi—urugero: uruganda, gukomera kw'ibikorwa, hanyuma n'ingamba nziza. Abagenzuzi b'imbere bashobora gufasha ikigo kumva neza no kugenzura birenzeho inzira zitandukanye, bibanda mu gukosora ahari imbaraga nke no kunononsora icyarimwe igishoro n'imikoreshereze y'amafaranga.

**Ikoranabuhanga.** Kuvuga neza iyi ngingo byasaba igitabo cyose; aka Gatabo nsobanuramikorere karavuga ku bikenewe by'ibanze ku bigo by'ubucuruzi ngo bimenye inyungu z'ikoranabuhanga no kuba maso ku mbogamizi zabyo.

Byibura, ba nyiri ibigo bagomba gukora ku buryo ibikoresho na logiciels ziri ku gihe kugira ngo zigume zihuye n'ibyo ikigo gikeneye, ko bikora uko bikwiye kandi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga bitangirika cyangwa bitavogerwa n'abanzi baturutse hanze. Bitewe n'uko ikigo gicunga amakuru y'abandi bantu nk'ayerekeye abakiriya, birakwiye kubahiriza amategeko agenga irindwa ry'amakuru, no gushyiraho uburyo bwo kuyarinda gutakara, kwinjirwamo cyangwa ubujura bw'amakuru y'ibanga cyangwa yerekeye ikigo cyane—ibyaba byose byatera ikigo kujya mu manza no gutakarizwa ikizere no kureka ubucuruzi.

## *Imyitwarire/imigenzo ngengamikorere*

N'ubwo insanganyamatsiko *y'imyitwarire n'imigenzo ngengamikorere* atari akantu mu tugize ***Ubugenzuzi bw'ibibera mu kazi,*** ikwiye kugirwaho ikiganiro ukwayo nk'uko igira ingaruka zitaziguye kuri buri kantu muri two. Ibigo byose by'ubucuruzi bigira imigenzo ngengamikorere—indangagaciro zari mu kigo n'amahame agenga ifatwa y'ibyemezo. Imigenzo ngengamikorere y'ikigo irema umwuka w'imitunganyirizwe y'inzego n'umuco byacyo.

Mu guha abakozi icyerekezo no gushyiraho ishusho y'imyitwarire myiza, ibigo bishyiraho amahame y'imyitwarire n'ay'imigenzo ngengamikorere. Amagambo "amahame y'imigenzo ngengamikorere" ndetse "n'amahame y'imyitwarire" akoreshwa kimwe (Nieweler 2014). Mu by'ukuri, hariho ibintu bibiri bitandukanye:

- Amahame y'imigenzo ngengamikorere yumvikana asobanura indangagaciro z'imyubakire y'inzego n'amahame ngengamikorere y'ingenzi. Asobanura amabwiriza ikigo cyashyiriyeho amatsinda y'abafite aho bahuriye na cyo (abakozi, abakiriya, abafatanyabikorwa mu bucuruzi, guverinoma, umuryango w'abanyagihugu, ibidukikije n'ibindi).

- Amahame y'imyitwarire ni igisobanuro cy'amahame yatangajwe mu bikorwa. Ashyiraho urwego rw'imyitwarire ya kinyamwuga n'inshingano za

kinyamwuga, akarebana n'ibibazo ngengamikorere n'ibihe by'amakimbirane. Arondora urutonde rw'ibitegetswe cyangwa ibibujijwe.

Ibigo bito n'ibiciriritse bishobora guhuriza hamwe ibi bintu bibiri mu kintu kimwe "Amahame y'imico n'imyitwarire". Gishobora kwemezwa n'urwego rwo hejuru rw'ubuyobozi n'Inama nyobozi kandi ni inshingano zabo zo guhamya iyubahirizwa ry'amahame. Iyubahirizwa rigomba kugenzurwa no gushyirwa mu bikorwa. Ibigo by'ubucuruzi bigira izamuka ryihuse bigomba kuyasubiramo kenshi kugira ngo byizere ko ahora akomeye kandi agera ku ntego zayo (**Reba Agasanduku 3.5. ku rupapuro rukurikira.**)

## Agasanduku 3.5: Igenzura ugereranyije no Guhorana Icyizere

Ubuyobozi bwiza buba bugamije gutuma abayobozi n'abakozi bubahiriza amategeko, bakitwara nk'uko amabwiriza ngengamikorere ateganya kandi bagafata ibyemezo mu nyungu z'ikigo z'igihe kirekire. Hariho inzira ebyiri zo kugera kuri izi ntego: imwe yubatse ku bugenzuzi; indi ku cyizere. Za kaminuza, abagenzuzi b'imirimo ifitiye igihugu akamaro n'abakozi bakuru bahisemo inzira ishingiye ku bugenzuzi. Yubakiye ku gitekerezo cy'uko abantu batekereza kuri bo gusa. Ikivamo
ni uko iki gitekerezo cyerekana ko amashyirahamwe agomba gushyiraho urusobe rwa "ibyo gukora" ndetse "n'ibihano ku batabikoze" kugira ngo bashyire inyungu imbere banemeze abakozi imyitwarire yifuzwa.

Iyi myumvire igira inyungu zimwe na zimwe kandi ubugenzuzi bushingiye ku gutahura no kugenzura ingaruka nyamukuru z'ubucuruzi bukora neza by'umwihariko ku mashyirahamwe. Ku rundi ruhande, kwibanda ku bugenzuzi ntibigomba kubonwa nk'umuti. N'ubwo buri mwaka hakoreshwa amamiliyoni y'amadolari muri gahunda z'ubugenzuzi n'iz'ubuziranenge, amahano menshi y'ikigo agaragaza ko bitageze ku ntego yo kugabanya cyane urugero rwo kunyuranya n'amahame ngengamikorere (cyangwa amategeko) mu birebana n'ubucuruzi. Na none ni ngombwa kumenya ko ibigo byinshi muri iyi nyigo, nka Wells Fargo, HSBC, VW na Petrobras, byagiraga ubugenzuzi kimwe na gahunda nyinshi z'imbere mu kigo zigendeye ku bikorwa bitegetswe.

Ubundi buryo bushoboka ni ugukora iperereza mu nzira ishingiye ku cyizere. Ihera ku ihame ry'uko abantu bashakisha gukora ikintu iyo binjiye mu muco urangwa n'indangagaciro zikomeye kandi zisaranganyijwe, mu gukorera mu mucyo, mu mutekano wo mu mutwe, mu butabera, mu kwishyira mu mwanya w'abandi, mu nshingano no mu guharanira intego kurenza inyungu.

Ihame ry'umutekano wo mu mutwe ni ingenzi cyane. Iyo mu kigo haremwe umwuka w'ubwoba, abantu bashaka uko birwanaho no gutinya gutanga ibitekerezo byabo, harimo n'ibibazo byerekeye ingemgamikorere. Kugira ngo ubwo bwoba bugabanuke,
ni ngombwa kuzana umwuka aho abantu batagira ubwoba bwo kugerwaho n'ingaruka—nko kwihorera, akato, cyangwa kwirukanwa—baramutse bavuze bakanamagana ibitagenda. Ubushakashatsi kandi bwerekanye ko gukorera mu mwuka nk'uwo bitanga umusaruro no guhanga udushya ku rwego rwo hejuru (Baer and Frese 2003).

Umuco ukomeye w'imyitwarire ukomeye ufasha ba rwiyemezamirimo kubaka icyo Umuryango ukora Ubushakashatsi ku Mategeko (LRN), ikigo cyita kuri ibyo bibazo, cyita "ibigo byicunga": ibigo aho amategeko agenga imyitwarire adashingira ku mabwiriza na za gahunda, ahubwo agendera ku dutsiko tw'abafite ibyo bahuriyeho mu kazi. Muri imwe mu nyigo, LRN yasanze ibigo byitwa ko byicunga byaragaragazaga ibimenyetso by'imikorere isobanutse cyane kurusha ibindi mu nzego nyinshi, zirimo m'ugukora byunguka, imizamukire y'umusaruro no guhanga udusha (LRN 2016).

Umubare munini w'ibigo nka Patagonia, Southwest Airlines, FAVI, Buurtzorg, Morning Star n'ibindi, ni urugero rwiza rwo kugera ku ntego wibanze ku muco w'imigenzo ngengamikorere bishoboka wubakiye ku cyizere. (Laloux 2014). Inyigo yimbitse y'izingero ishoboza ba rwiyemezamirimo guhanga imikorere ikomeye iganisha ku mwuka w'icyizere cyo hejuru mu bigo.

Abayobozi b'ibigo by'ubucuruzi kandi bagomba gutangira gupima no kugenzura urwego rw'umuco w'imyitwarire mu bigo byabo. Urugero: uburyo bw'imyitwarire buba nk'igikoresho kidahenze cyo kubigeraho (Ethical Systems 2018).

Aho kuba ibintu bihabanye, uburyo bw'ubugenzuzi n'ubw'icyizere mu miyoborere bugomba kubonwa nk'ubwoko "budatandukanye." Ni inshingano y'abayobozi guhora baganisha ibigo byabo mu ruhande rw'uku kudatandukana kugira ngo abantu babo babakorere ibyiza.

*Inkomoko: Alexandre Di Miceli da Silveira.*

INAMA: Kora ku buryo abakozi basoma amahame kandi bumva inshingano zabo zo kuyakurikiza. Igikomeye cyane ni uko Inama nyobozi/ubuyobozi bagomba kuyubahiriza bagatanga urugero. Kunanirwa kubikora gutyo bishobora gutuma umuhate w'ikigo wo gushyiraho amahame ngengamyitwarire ikenewe no kugera ku myitwarire bifitanye isano bitagerwaho.

***Amakimbirane ashingiye ku nyungu:*** Mu bihe bimwe na bimwe, abahagarariye ibigo by'ubucuruzi bashobora kugirana amakimbirane mu nyungu zabo bwite no mu kazi kabo mu kigo. Amahari ashingiye ku nyungu ni igihe umuntu afite inyungu ze bwite zihagije zo kuganza—cyangwa *zisa* n'iziganza—intego z'inshingano ze nk'umukozi cyangwa umunyamwuga. (**Reba Igishushanyo 3.2**)

**Igishushanyo 3.2: Kurwanira Inyungu Bwite: Amoko Amenyerewe Cyane**

| | |
|---|---|
| **Ubucuruzi hagati y'abafitanye isano** | **Umuntu ugenzura ibice byose by'ikigo atuma cyinjira mu bikorwa by'ubucuru hamwe n'umunyamwuga cyangwa ikindi kigo—ibyo bimugirira akamaro cyangwa bikakagirira umuryango cyangwa inshuti.** |
| **Gukoresha abavuye hanze** | **Inyungu z'umurimo umwe zitera amakimbirane hamwe n'undi.** |
| **Inyungu z'umuryango** | **Umugore, abana cyangwa undi muvandimwe wa hafi ahabwa akazi (cyangwa aragasaba), cyangwa ikigo gitumiza ibicuruzwa cyangwa serivisi kuri uwo muvandimwe cyangwa mu kigo kigenzurwa na we.** |
| **Impano** | **Ibintu biturutse mu bavandimwe na bo bakora ubucuruzi n'abantu bakira impano zishobora kuba zirimo ibintu by'agaciro ariko bidafatika n'intoki, nk'ubwikorezi n'amacumbi.** |

Ibigo bito n'ibiciriritse bigomba gushyiraho gahunda zisobanutse zo gufasha ubuyobozi, imicungire n'abakozi mu bibazo by'amakimbirane ashingiye ku nyungu. Iyi gahunda igomba kuba igizwe n'ibigize amakimbirane ashingiye ku nyungu kandi igaragaza uko ikigo kizayagenzura kikanayakemura. Igomba kandi kugaragaza ibyerekeye ingorane zo ku rwego rwo hejuru.

By'umwihariko, gahunda igomba kwitondera abashinzwe gushaka ibikoresho.
Abakozi bashinzwe gushakira ikigo ibikoresho/amasoko bagomba gutangaza niba bafite inyungu, bene wabo cyangwa inshuti za hafi bari mu kigo bashinzwe guhitamo nk'abagemurira ibicuruzwa ikigo cyangwa abagiha serivise.

*Ubucuruzi hagati y'abafitanye isano* ni ibihe by'amakimbirane ashingiye ku nyungu akeneye kwitabwaho by'umwihariko. RPTs ni ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa ubwumvikane hagati y'impande ebyiri zihujwe n'isano idasanzwe iruta ubucuruzi.

K’ubucuruzi bwiinshi buto, ubucuruzi hagati y’abafitanye amasano (RPTs) si ikintu gisanzwe; gukorana ubucuruzi n’abagize umuryango, bene wabo b’abayobozi, abanyamigabane, abakozi bakuru ni ikintu kibaho cyane. Mu bihe bimwe na bimwe ubwo bucuruzi bushobora kugirira inyungu ikigo. Ariko na none, ku bw’amahirwe make, ni n’inzira yo kunyereza amafaranga y’ikigo aho abanyamigabane cyangwa abacungamutungo bigwizaho umutungo ubwabo bakaryamira abandi. Ibi bishobora gutera ubwoba n’impungenge abashoramari baturutse hanze kandi bigaca intege abakozi b’inyangamugayo.

Buri kigo kigomba gushyiraho gahunda z’ubucuruzi kigirana n’abafitanye amasano, cyibanda cyane ku gipimo cyabo ubwoko, inshuro babukorana n’abandi babizamo. Urugero: gahunda zigomba kugaragaza igipimo cy’ubucuruzi bukeneye kwemezwa n’Inama nyobozi cyangwa inama y’abafatanyamigabane.

Mu gihe cy’ibyo bikorwa by’ubucuruzi, kubitangariza abanyamigabane bose ni ingenzi cyane. Ibigo bito n’ibiciriritse bigomba kugaragaza igipimo cy’ibyo bikorwa kimwe na gahunda cyangwa inzira zibigenga. (**Ukeneye andi makuru, reba *Imiyoborere Ingingo D. Gutanga Amakuru n'Ubunyangamugayo*, gahera k'urupapuro 65.**)

## Ubugenzuzi

Akenshi ba rwiyemezamirimo bavanga *ubugenzuzi bw’ibibera mu kazi* ndetse *n’ubugenzuzi bw’imari bw’imbere mu kigo*. Ubugenzuzi bw’imbere ni *uburyo*, buhoraho. Ubugenzuzi bw’imari bw’imbere ni *umurimo* w’ubugenzura bw’imbere mu kigo, bukorwa mu ntera runaka z’igihe. Ubugenzuramari bw’imbere bugamije guha Inama nyobozi n’icungamutungo ubwishingizi bukomeye ko igenzura ry’imbere mu kigo (n’ibindi) bimeze neza, bikomeye kandi bikora neza.

Nk’ishami ry’imiyoborere myiza, Urwego 3 ibigo bito n’ibiciriritse bigomba gushyiraho igenzura ry’imari ry’imbere. Kugira ngo rigere ku ntego zaryo, igenzuramari ry’imbere rigomba kwigenga mu bikorwa byaryo. M'Urwego 4, rigomba guha Inama nyobozi raporo ku mikorere y’abakozi, rigaha indi Umuyobozi Mukuru ku mikorere y’abayobozi.

Bitewe n’imiterere y’amategeko n’ishyirwa mu bikorwa ryayo mu gihugu ikigo gikoreramo, ikigo gishobora gukenera gukoresha *abagenzuzi b’imari bavuye hanze*. Iyo nta tegeko ryihariye risaba kubikora ukundi, uyu murimo uba mwiza m'Urwego 4. Umugenzuramari uvuye hanze akora ku nyungu z’abanyamigabane/abantu bose bafite aho bahuriye n’ikigo agakora mu bwigenge igikorwa cy’igenzura ry’amafaranga rikomeye, ritabogamye kandi ririmo umucyo muri za konti zacyo.

Imikorere myiza y’abagenzuramari bavuye hanze irimo ibikorwa bikurikira:

- Kubuza umugenzuzi gutanga izindi serivisi zishobora gutera amakimbirane yubakiye ku nyungu bwite.
- Guteganya isimburana ry’abagenzuramari—cyangwa byibura ry’umufasha w’umugenzuramari mukuru—buri myaka itanu.
- Kugaragariza ubugenzuzi bw’imari umushahara w’umugenzuzi kandi iyo ikigo gihisemo kubona buri gihe serivisi zidashingiye ku bugenzuzi bw’imari, hatangazwe na none umubare w’arishywe kuri zo.

Ubugenzuzi bw’imbere mu kigo bugira imirimo itandukanye. Abagenzuzi b’imbere basuzuma ibibazo bifitanye isano n’ibikorwa by’ubucuruzi n’ingorane z’ikigo kandi igenzura ry’imbere rikorwa mu gihe cy’umwaka. Abagenzuzi bo hanze basuzuma amadosiye y’imari bagakora ubugenzuzi inshuro imwe mu mwaka. Guhera k'Urwego 4, ikigo kigomba kugira ubu bugenzuzi bwombi.

C LP

# Ibikorwa ntangarugero: Gukemura Ibibazo n'Igenzura ry'Ibibera mu kigo

Hano hasi tugiye kwerekana ibikorwa rusange by’ingenzi kuri buri rwego rw'iterambere ry’ibigo bito n’ibiciriritse, dukoresheje inzego zavuzwe haruguru:

**X Igenzura ry'imbere mu kigo n'ingingo 3 zisaba kwitonda cyane:**

- Imyitwarire/imigenzo ngengamikorere
- Imicungire y'umutungo ukoreshwa n'amafaranga ari mu isanduku
- Imicungire y'ikoranabuhanga

**X Ubugenzuzi bw'imbere mu kigo**

**X Ubugenzuzi buturutse hanze**

Menya ko ibi bikorwa bikomatanyije: ibikorwa byo mu nzego zibanza byubakiye ku byo mu nzego ziheruka. Bimwe mu byifuzonama bishobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo burushijeho gutanga umusaruro mu nzego zitandukanye, bitewe n’impamvu cyangwa bigashyirwa mu bikorwa mu gihe ikigo kiri mu nzibacyuho yo kuva m'urwego rumwe kijya m'urundi. Koresha umutimanama wawe mu kugena igihe cyiza kurushaho kibereye ubucuruzi bwawe.

## Urwego 1: GUTANGIZA UBUCURUZI

### *Igenzura ry'Imbere mu Kazi*

Kora ku buryo ikigo cyubahiriza amategeko n’amabwiriza y’ingenzi.

***Imicungire y’igishoro n’imikoreshereze y’amafaranga:***

**X** Tandukanya inkomoko y’amafaranga na konti by’ikigo n’inkomoko bwite na konti by’abagishinze.

**X** Kugenzura no gusesengura kenshi amafaranga akenewe kugira ngo hagenwe akenewe mu migendekere myiza y’ikigo n’akoreshwa mu ngamba z’ishoramari.

Kora umwitozo w’igenzura ry’ibanze wumve neza agaciro kose k’ikigo. Muri rusange, birazwi ko hariho Uburyo butatu bw’ibanze bwo gusobanura agaciro k’ikigo cy’ubucuruzi,

agaciro k'isoko ridahenze, agaciro k'ishoramari n'agaciro k'amafaranga ikigo cyagurwa. Kugira ibitekerezo bifatika ku gaciro k'ishoramari ry'ubucuruzi ni igikoresho gikomeye cyo kuganira ku biciro n'abashoramari babyifuza. Aka ni agaciro ikigo cy'ubucuruzi gifite imbere y'umushoramari runaka kandi harimo n'ibindi byamukurura birenze agaciro k'isoko ridahenze.

## Urwego 2: GUKURA BIHAMYE

### *Igenzura ry'Imbere mu Kazi*

Shyiraho uburyo bwo kuranga magendu n'ibindi bikorwa bitemewe (urugero: gahunda yo kuregana). Ubu buryo buha abakozi icyerekezo cyo kuvuga mu ibanga rikomeye ibibazo byabo kandi bugomba gusobanura uburyo bwihariye bwo gukora iperereza ku birego (byerekeye ikinyabupfura cyangwa ibindi) no kubishakira umuti.

Garagaza ingorane zikunze kuba mu bucuruzi, gusuzuma ingaruka zazo no gushyiraho ingamba zo kuzigabanya ubukana(hamwe na ba nyiri ikigo bashaka iterambere).

Injiza ubugenzuzi bw'imbere mu kigo bushingiye ku ngorane mu nzira z'ubucuruzi (nk'imbago zo kwemeza, gutandukanya ubuyobozi n'ibindi).

Garagaza imyanya y'abantu bakomeye ifite ibibazo, shyiraho abasimbura cyangwa abungiriza b'abakozi bakuru cyangwa b'impuguke muri tekinike no gukora ku buryo bagira ubushobozi n'ubuhanga bukenewe.

***Amahame y'imyitwarire:***

- Shyiraho amahame y'ibanze y'imyitwarire mu bucuruzi areba ibibazo byose nk'uko witwara ahakorerwa, ari byo ubujura na magendu, ibikorwa bu mu gihe cy'amakimbirane ashingiye ku nyungu n'ibindi.
- Menyesha abakozi aya mahame n'ibihano.

***Imicungire y'igishoro n'imikoreshereze y'amafaranga:***

- Sobanura uburenganzira ufite kuri za konti n'ubugenzuzi ku micungire y'amafaranga afatika, imbago, gutuma abandi no kugabana inshingano.
- Gukora ku buryo ibitabo by'ibaruramari, iby'ishoramari, iby'inguzanyo n'iby'imyenda biba bifashwe neza.
- Raporo n'iteganyamigambi bigire ibice by'ibiganiro ku igenamigambi kugira ngo ugaragaze amafaranga kenewe mu gihe gitaha no kuyobora ibyemezo by'ishoramari. Kora ku buryo ishoramari ryose ryita ku ngorane z'imikoreshereze y'amafaranga (ingorane, igihe, ubunararibonye, amafaranga abarika).

***Imicungire y'ikoranabuhanga:***

- Andika amabwiriza asobanutse y'imikorere y'ikoranabuhanga kugira ngo ube wizeye ko ibikenewe nyamukuru byose mu ikoranabuhanga byitaweho mu gushyigikira imizamukire y'ikigo.
- Tekereza ku ikoranabuhanga ryazanwa mu kigo cyangwa ryakoherezwa inyuma yacyo.

Kora ku buryo ikoranabuhanga mukoresha mu gucunga amakuru na za raporo ririndirwa umutekano; ushyiraho uburyo buzwi bw'uburinzi kugira ngo ucunge umutekano ndetse *n'uruhererekane by'imirimo no kwijajara nyuma y'ibiza*.

## Urwego 3: IMIKORERE Y'UBUCURUZI

### *Igenzura ry'Imbere mu Kazi*

Rema uburyo bworoshye bwo kumenyesha abakozi ibyemezo, gahunda n'ingamba nyamukuru. Komite nshingwabikorwa zikwiye kugira inshingano z'ibanze.

Andika ibyerekeye imirimo y'ushinzwe abakozi kugira ngo ube wizeye ko inshingano zose nyamukuru zibonewe umuti cyangwa zahawe abikorera batari abo mu kigo.

***Amahame y'imyitwarire:***

- **X** Shyiraho inyandiko irondora amabwiriza y'imyitwarire n'imyifatire mu bucuruzi. Yikoreshe mu nzira zo kuyinjiza no kuyiha imbaraga buri gihe wabanje kubiganiriraho n'abakozi.
- **X** Shyiraho ingamba rusange zihariye zifatwa mu gihe haba hari uwishe amabwiriza agenga imyitwarire kandi utangaze mu kigo cyose ingaruka zo kutayubahiriza. Kora ku buryo ibihano mu gihe cy'ibyaha biba bisobanutse kandi bihamye.

***Imicungire y'igishoro n'imikoreshereze y'amafaranga:***

- **X** Ha akazi umuyobozi w'imari w'umunyamwuga (niba hari abashoramari bava hanze, bikore ubanje kujya inama na bo).

***Imicungire y'ikoranabuhanga:***

- **X** Shyiraho ingamba zoroheje z'ikoranabuhanga mu guteganya ibizakenerwa n'ikigo mu gihe kiri imbere (mu rwego rw'imikorere,ibizakenerwa mu rwego rw'ibikorwa remezo) kandi ushyireho inzego z'ubuyobozi zo mu gihe kigufi n'igiciriritse kugira ngo ubashe gutegura neza ibikenewe ku gishoro.
- **X** Kora igenzura ryigenga ry'ikoranabuhanga kugira ngo wizere ko sisitemi zirindiwe umutekano kandi zishobora gushyigikira intego na gahunda z'ikigo.

### *Ubugenzuzi bw'imbere mu kigo*

Shyiraho umwanya w'ushinzwe ubugenzuzi bw'imbere mu kigo wigenga kandi ushoboye, uhuza imirimo y'ubuziranenge n'icunga ingorane. Uyu mwanya ushobora guhabwa umukozi wo mu kigo cyangwa ugatangazwa hanze (hakoreshejwe ikigo cyo hanze kigakorana n'abakozi b'imbere mu kubahugura no kubongerera ubushobozi). Ba nyiri ibigo bagomba gukora ku buryo baha ubwigenge busesuye abagenzuzi b'imbere kugira ngo bagaragaze mu mucyo ibibazo bikeneye ibisubizo.

Kora ku buryo ubugenzuzi bw'imbere mu kigo busuzuma ibice bifite ijanisha rinini ry'ingorane

kugira ngo buzane ubwishingizi bw'inyongera kandi uteganye igenzura ridakomeye ku bice bifite ijanisha rito ry'ingorane kugira ngo ukoreshe neza igihe/ibikoresho by'igenzura.

## Urwego 4: UKWAGUKA K'UBUCURUZI

### *Igenzura ry'Imbere mu Kazi*

Kora ku buryo ubuyobozi (komite nshingwabikorwa) busuzuma kenshi imizamukire ugereranyije n'igenabikorwa, erekana kandi ukemura ingorane ukoresheje ubugenzuzi bw'imbere bukwiye.

Inshuro nyinshi, inama nyobozi igomba gukora ku buryo ikigo kigira uburyo bukomeye bw'ubugenzuzi bw'imbere (urugero: 4 bushingiye kuri COSO).

***Imicungire y'ikoranabuhanga:***

- Gushyiraho sisitemu za mudasobwa zo kwandika, kubika no kugaragaza ibyacurujwe, za konti no gutanga igihe icyo ari cyo cyose agaciro kagereranyije nta kwibeshya k'ibisaba amafaranga n'ak'umusaruro.
- Mudasobwa igomba kuba ikomeye kugira ngo irinde gukoreshwa n'utabifitye uburenganzira inashyire ahagaragara ibikorwa by'ubucuruzi bishoboka gutera ibibazo.

### *Ubugenzuzi bw'imbere mu kigo*

Raporo y'ubugenzuzi bw'imbere ishyikirizwa inama nyobozi cyangwa komite y'inama nyobozi (akenshi komite y'ubugenzuzi). Ntabwo ihabwa umuyobozi, keretse ku mpamvu z'ubuyobozi. Hanyuma ugakora k'uburyo gahunda z'ubugenzuzi zemezwa n'inama y'ubutegetsi. Kora ku buryo gahunda z'igenzura zemerwa n'inama nyobozi.

Kora ku buryo ubugenzuzi bw'imbere bugira imikoranire ya hafi n'umugenzuzi uturutse hanze.

### *Ubugenzuzi buturutse hanze*

Shyiraho umugenzuzi wo hanze wemewe. Kora ku buryo asubira muri za raporo akerekana ibyuho nyamukuru by'ubugenzuzi.

Ha umugenzuzi wo hanze ubwigenge umubuza gutanga izindi serivise zishobora gutera amakimbirane y'inyungu (urugero: gutanga inama, serivise z'imisoro).

Teganya ihinduranya ry'abagenzuzi (cyangwa nibura ufasha umugenzuzi mukuru) mu gihe runaka (urugero: nka buri myaka itatu).

D

# Imurikabibikorwa n'Ubunyangamugayo

*"Imurikabikorwa no gukorera mu mucyo ni bigenzi by'imiyoborere myiza; bigaragaza ireme no kwizerwa by'amakuru—y'imari n'atari ay'imari, atanzwe n'ubuyobozi ku bakopa (abaguriza) ikigo, abanyamigabane na rubanda rundi."*

*— Saleem et al. 2008*

| Urwego 1<br>GUTANGIRA<br>UBUCURUZI | Urwego 2<br>GUKURA<br>BIHAMYE | Urwego 3<br>IMIKORERE<br>Y'UBUCURUZI | Urwego 4<br>KWAGUKA<br>KW'UBUCU<br>RUZI |
|---|---|---|---|
| **X** Konti z'ibanze z'amafaranga ziteguwe<br>**X** Ayo makuru y'imari n'amakurushingiro bikoreshwa ku mpamvu zose | **X** Guhuza amafaranga yanditse mw'icungamari nari kuri konti y'ikigo bikorwa burikwezi byerekwa banyiri ikigo bose<br>**X** Mu gihe runaka, nyiri ikigo (banyiri ikigo), abanyamigabane, n'abayobozi bakuru bahabwa amakuru ahamye y'imari n''ibitari imari<br>**X** Isura rusange y'ikigo imaze kunozwa | **X** Inyandiko zigaragaza uko imari ihagaze hagendewe ku bipimo fatizo by'ibaruramari by'igihugu<br>**X** Umuntu uri mu mwanya wo gutanga amakuru arazwi<br>**X** Ibyemezo by'ingenzi bitangarizwa abakozi bose nkuko amategeko abigena<br>**X** Amakuru arambuye y'ibanze ku mikorere yerekwa abajyanama baturutse hanze y'ikigo<br>**X** Amakuru y'ingenzi aterekeranye n'imari ashyirwa ahabona | **X** Raporo ku makuru y'imari ijyanye na IFRS ku bigo bito n'ibiciriritse cyangwa ijyanye na U.S. GAAP (niba harabayeho gushaka abashoramari b'abanyamahanga)<br>**X** Uko imari ihagaze bigenzurwa n'ikigo cyemewe cy'igenzura<br>**X** Amakuru arambuye y'imari nay'imikorere yuzuye atangwa buri gihembwe ashyikirizwa abashoramari<br>**X** Amakuru arambuye y'umwaka (cyangwa igihe kijya kungana nawo) arakusanywa. Abanyamigabane bahabwa amakuru uko bayasabye |

Iki gice kiriga ku mahame y'imurika:

**X** ***Imurika ry'imari***—imurika ry'ibyakoreshejwe imari n'ibyakozwe.

**X** ***Imurika ry'Ibitari Imari***—imurika ry'amakuru kuri sosiyete atari ay'imari harimo imikorere ya kera, amahirwe ashoboka n'amakuru ku bikorwa by'imiyoborere y'ikigo.

Gukorera mu mucyo no kumurika bifite impamvu n'inyungu zigendana no guhindura abanyamigabane. Mu nzego zitangira, abanyamigabane, ubusanzwe batangira ari bake kandi bakagira uruhare cyane mu migendere y'ikigo. Itsinda riba ari rito, noneho abafite aho bahurira n'ikigo bakuru b'imbere mu kigo bakaba bafite amakuru menshi ku iterambere ry'ibikoresho. Ku bw'ibyo, kuri uru rwego, imbaraga zishyirwa ku miteguriro y'amakuru ya nyayo ku mari atangiwe igihe ahabwa abanyamigabane bose. Ku rwego rukurikiyeho, abanyamigabane bashya batari abayobozi bashobora kuboneka, abanyamigabane ba kera bashobora kutaboneka mu buryo butaziguye mu mikorere kandi ikigo ubwacyo kiba kinini kurushaho kikanagorana kurushaho. Akamaro k'amakuru atari ay'imari kariyongera kandi abo agenewe bakaba batandukanye—

abajyanama bo hanze, abayobozi, abakozi b'ikigo, abanyamigabane n'abakiriya bashobora kuba amwe mu matsinda makuru ikigo cyaheraho kibwiira amakuru.

## Amabwiriza Rusange

Akenshi amagambo *gukorera mu mucyo* no *gutanga amakuru* akoreshwa mu buryo bumwe. Mu by'ukuri aruzuzanya, ariko afite itandukaniro rikomeye twavuga. Imurikabikorwa ni inshingano z'itegeko zo gutanga ubwoko bumwe na bumwe bw'amakuru ku bantu bamwe. Gukorera mu mucyo byo ni umuco w'ikigo wo gukingura – na bumwe mu buryo bwo kwerekana uwo muco ku baturuka hanze.

Imurikabikorwa no gukorera mu mucyo kw'ikigo bizamura icyizere cy'abashoramari bityo kikongerera ikigo ubushobozi bwo kugera ku gishoro cyo hanze bikakigabanyiriza amafaranga cyakoreshaga. Ibyo na none biha ikigo ubushobozi bwo gutandukanya hakiri kare ingorane n'ahari intege nke, ari na byo bigabanya ingorane zose z'ibihe bibi n'amahano y'ikigo no kunononsora imirimo y'ibikorwa byacyo.

Ibigo bito n'ibiciriritse biba bihangayikishijwe no kumurika amakuru bitinya ko ibigo bikeba bishobora kubibonaho amakuru y'ingenzi ku bucuruzi bwabyo no ku miterere y'imari yabyo. Mu by'ukuri, n'ubwo amakuru y'ingenzi y'ubucuruzi aba ari make ku buryo butangaje kandi asa n'akoresha ingamba z'ikigo, ibicuruzwa bishakishwa, uburyo byo gushyiraho ibiciro n'ibindi. Nka nyiri ikigo, ugomba kwibuka ko isoko rikuzi, rikamenya ibicuruzwa cyangwa serivisi zawe kuko abakiriya bakuzi na ba mukeba bawe barakuzi nk'uko nawe ubazi. Kubera iyo mpamvu rero, gutanga amakuru ntibivuga kumena amabanga yawe, ahubwo ni ukuboneraho umwanya wo gusangiza abandi uwo uri we ukurikije uko witekereza.

Byongeye, ibyinshi mu bigo bikeba bikura inyungu z'imirimo yazo no kugarira bikora ikintu bigoye kwigana nk'uko sosiyete itwara abantu mu kirere Southwest Airlines yabikoze. Kuri ibyo bigo, inyungu iri mu buryo bwabyo bwo gukora ibintu; ni yo mpamvu kumurika amakuru y'ubucuruzi bitemerera ba mukeba gukopera mu buryo bworoshye.

Ba nyiri ibigo by'ubucuruzi bagomba gushyiraho gahunda zisobanura ibigize amakuru y'ibanga (harimo uwo amakuru y'ibanga agenewe) n'ubwoko bw'amakuru ashobora gutangwa ku bafite aho bahuriye n'ikigo hejuru y'inshingano zitegetswe zo kumurika. Ibi bigomba kuba bigizwe n'idosiye ya paji imwe irimo ingero n'umuntu wakwiyambazwa ushobora gusobanura amakuru ayo ari yo niba adasobanutse.

## Gutangaza Imari

Inyandiko mvugo z'imari zitanga amakuru afasha gufata ibyemezo by'ubukungu. Zigaragaza uko imari ihagaze, imikorere n'impinduka nziza z'imiterere y'imari y'ikigo cy'ubucuruzi. Ku bigo bito n'ibiciriritse, abakoresha inyandiko mvugo z'imari bakuru—n'abagenerwabikorwa b'imurikabikorwa—basa n'aho ari ba nyiri ibigo/abashoramari n'abafitiwe imyenda n'ikigo.

Kumurika imari bikemura ibibazo bikurikira: igereranya ry'ibyinjiye n'ibyasohotse, uko ubucuruzi bwagenze, uko imari yakoreshejwe, igishoro bwite, umwanzuro ku nyandiko mvugo z'imari na gahunda z'ibaruramari. Ibigo bito n'ibiciriritse bigomba kwerekana neza uko byiyemeje guharanira gutanga amakuru yerekeye imari afite ireme ryo ku rwego rwo hejuru mu mahame yabyo y'imyitwarire

Muri Nyakanga 2009, Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'Ibipimo by'Ibaruramari (IASB) byasohoye *IFRS z'ibigo bito n'ibiciriritse*,[10] tukaba tukibarangiye kugira ngo mubone amakuru yimbitse kuri iyi ngingo (IASB 2009).

## Gutangaza Ibindi

Itegeko rusange ryo gutekereza ku imurika ritari iry'imari n'aho rigarukira rishingiye ku kumenya niba risabwa n'amategeko cyangwa n'ubugenzuzi bw'imirimo ifitiye rubanda akamaro, cyangwa n'amatsinda yo hanze y'ikigo. Ibi biterwa cyane n'ubwoko bw'ibyo ikigo gikora ndetse n'urwego w'imizamukire yacyo.

Urugero ni ikigo cyemewe nk'ikigo cy'imari gishobora gusabwa n'itegeko kumurika amwe mu makuru atari ay'imari kugira ngo kizamure icyizere cy'isoko. Ikigo kigamije gutanga ibicuruzwa cyifashishije umuyoboro w'isi wo kohererezanya ibicuruzwa cyangwa guhangana mu itangwa ry'amasoko mu ruhame, gishobora gukenera gutanga amakuru atari ay'imari ku rubuga rwacyo rwa murandasi.

10 IFRS = Ibipimo Mpuzamahanga ngenderwaho byo Gutanga Amakuru.

Ku mpamvu iyo ari yo yose, ibigo bitanga amakuru atari ay'imari bigomba gukurikiza ihame rusange ryo *kuba ibintu bifatika*. Kugira ngo bibashe kumenya igifatika, bigomba kwibaza ibibazo bitatu:

- Ni ibihe bintu—ibihe byinjira, inzira, ibisohoka n'umusaruro—bigira uruhare ku bushobozi bwacu bwo kwiha agaciro?
- Ni ayahe matsinda y'abafite aho bahuriye n'ikigo tugenderaho mu nzira yacu yo kwiha agaciro mu gihe kigufi, ikiringaniye n'ikirekire cyangwa ni bande tugiraho uruhare rugaragara?
- Ni ibihe bintu byenda (kandi/bishobora) kugira uruhare runini ruhagije mu iremwa ry'agaciro kacu?

Imurika ryihariye ku bashoramari rifata izi nzego zagutse:

- Uko ikigo gihaze: itsinda ry'ubuyobozi, abakozi bakuru n'ibicuruzwa na serivisi zitangwa. Ibigo bimwe bishobora na none guhitamo kumurika amakuru ku mugabane w'isoko, ubusesenguzi bwabyo ku nganda (umuyoboro wo kohererezanya ibicuruzwa, abakiriya, ba mukeba n'ibindi) n'igisobanuro rusange cy'ingamba zabyo.
- Umutungo: imyubakire n'uburenganzira bwo gutora, ingingo z'amahame shingiro, ibyemezo bikwiye, amabwiriza, gahunda n'ibyabaye/impinduka zikomeye za vuba.
- Imiyoborere: nk'indangagaciro n'amabwiriza agenga imyitwarire/ imikorere, ingano y'inama nyobozi n'ibiyiranga, amabwiriza ngenderwaho, ubwitabire bw'inama, inyandiko y'ibyavugiwe mu nama, amakimbirane ashingiye ku nyungu, isuzuma ry'imikorere y'inama nyobozi n'ibindi.

Gukoresha urubuga rwa murandasi rw'ikigo n'izindi nzira rusange mu guha abandi bafite aho bahuriye n'ikigo amakuru atateza ubucuruzi ikibazo ni igitekerezo cyiza.

### *Imikoranire n'ibigo binini*

Ibigo bito n'ibiciriritse byifuza kugira uruhare mu muyoboro w'iyohererezanya ry'ibicuruzwa w'ibigo binini bigomba kwimenyereza ingingo yo kumurika ibyerekeranye
n'ibidukikije, imibanire n'imiyoborere (ESG). Ibi na none byitwa *raporo ku iterambere rirambye*, bikaba birimo imurika ry'ibikorwa byabo bibangamiye ibidukikije, ibibazo byabo ku buzima bwa muntu, ku bakozi no ku kazi no ku ruhare rwabyo ku muryango mugari w'abatuye aho bikorera, ndetse no ku kuntu bikurikiza amabwiriza agenga imirimo ifitiye igihugu akamaro no ku nshingano zabyo (**Reba Agasanduku 3.6**)

Niba wifuza gutera imbere binyuze ku bufatanye bw'umushoramari menya ko ibisabwa mu rwego rwo gutanga raporo ku iterambere rirambye bishobora kuba bisobanuye cyane kandi byihariye.

### *Ubucuruzi hagati y'abafitanye isano*

Gahunda zo gukorana ubucuruzi n'abafitanye amasano (RTP) (**nk'uko zavuzweho ku mpapuro za 59 na 60**) bigomba kuba birimo imirongo ngenderwaho ku imurikabikorwa ryabo ni ikintu cy'ingenzi mu kwubaka icyizere hagati y,abashoramari batandukande n,ubuyobozi bw,ikigo.imurikabikorwa.imurikabikorwa isobanutse y'iyi mikoranire nk'ubucuruzi. Imurika ryayo ryihariye ni ikintu cy'ngenzi cyane mu kubaka icyizere hagati y'abashoramari batandukanye n'ubuyobozi bw'ikigo.

## Akazu ka 3.6: Inyungu zo Gutanga Amakuru Arambuye kw'Iterambere Rirambye

Gutanga raporo ku iterambere rirambye bigira inyungu zikurikira:

- Bifasha mu guha abashoramari amakuru ku micungire y'ingorane
- Bizamura ubukangurambaga ku ngorane no ku mahirwe
- Bitsindagira isano hagati y'imikorere ishingiye ku mari n'itayishingiyeho
- Bigereranya imikorere n'ibipimo shingiro by'imikorere kandi igasuzuma imikorere irambye ifitanye isano n'amategeko, amahame, ibipimo shingiro by'imikorere n'ibikorwa byo kwibwiriza
- Bifasha gucunga no gutangaza imikorere ishingiye ku bidukikije, ku mibanire no ku miyoborere
- Bizamura isura n'ubudahemuka ku izina ry'ikigo

*Inkomoko: GRI (2013).*

D LP

# IBIKORWA NTANGARUGERO: Imurikabikorwa n'Ubunyangamugayo

Hano hasi tugiye kwerekana ibikorwa rusange by'ingenzi kuri buri rwego rw'iterambere ry'ibigo bito n'ibiciriritse, dukoresheje inzego zavuzwe haruguru:

- **Imurikabikorwa ry'imari**
- **Imurikabikorwa ry'ibitari imari**

Menya ko ibi bikorwa bikomatanyije: ibikorwa byo mu nzego zibanza byubakiye ku byo mu nzego ziheruka. Bimwe mu byifuzonama bishobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo burushijeho gutanga umusaruro mu nzego zitandukanye, bitewe n'impamvu cyangwa bigashyirwa mu bikorwa mu gihe ikigo kiri mu nzibacyuho yo kuva m'urwego rumwe kijya m'urundi. Koresha umutimanama wawe mu kugena igihe cyiza kurushaho kibereye ubucuruzi bwawe.

## Urwego 1: GUTANGIZA UBUCURUZI

### *Gutangaza Imari*

Tegura konti fatizo z'imari ukoreshe aya makuru mu buryo buhoraho mu kwandika, gutanga raporo N'izindi mpamvu. Guhozaho mu kugira izo nyandiko ku mari ni ingenzi ku bashoramari n'ibigo bitera inkunga kuko bibifasha gusuzuma neza agaciro k'imikorere y'ikigo cy'ubucuruzi n'iterambere ryo mu gihe kizaza.

## Urwego 2: GUKURA BIHAMYE

### *Gutangaza Imari*

Buri kwezi kora ihuza rya za konti. Iri genzura ryoroshye rifasha mu gucunga imikoreshereze y'amafaranga mu buryo burushijeho kuba bwiza gutahura no kurwanya ibikorwa bya magendu. (**Reba *ibigize Igenzura ry'Ibibera mu kazi* k'urupapuro 53.)**

Kora ku buryo ugaragariza abanyamigabane bose ku gihe (mu kwezi cyangwa mu gihembwe) uko imari ihagaze.

### *Gutangaza Ibindi*

Wemeranye n'abashoramari ku mukuru aterekeye imari bazajya bamurikirwa mu buryo buhoraho. Ayo makuru ntagomba kugaragaramo ibyakozwe ndetse (n'ingorane n'amahirwe ahari).

Reba neza ko amakuru ahawe abanyamigabane mu buryo bungana.

Shyiraho isura rusange y'ikigo uyikoreshe mu buryo buhoraho mu kwa kwamamaza, ku rubuga rwa murandasi, ndetse no ku zindi mpamvu z'ubucuruzi.

## Urwego 3: IMIKORERE Y'UBUCURUZI

### *Gutangaza Imari*

Tegura ibitabo by'imari ugendeye ku bipimo byo ku rwego rw'igihugu.

### *Gutangaza Ibindi*

Shyiraho umwanya wo gutangaza amakuru y'imari, niba bishoboka bishyire hamwe n'ibyushinzwe ibipimo by'ubuziranenge, umuyobozi mukuru w'imari, cyangwa umunyamabanga w'ikigo. (**Reba *Imikorere y'Ikigo* k'urupapuro 28.**)

Reba amakuru agomba kujya ku dupapuro tw'incamake mu gihe cy'inama zihoraho mugirana n'abajyanama baturuka hanze y'ikigo cyangwa se inama nyobozi.

Sobanura amakuru aterekeye imari agomba gutangarizwa rubanda (urugero, incamake y'ibyakozwe, ingamba zafashwe, ibikorwa by'imiyoborere, imikoranire n'abandi) ubijyeze ahantu horoshye kugerwaho, nko ku rubuga rw'ikigo.

Shyiraho uburyo bunoze bwo gutanga amakuru ku myanzuro y'ingenzi yafashwe (ingamba, ibigomba gukorwa mbere) ndetse n'andi makuru y'ingenzi ku bakozi.

Reba neza ko hari uburyo buhoraho bwo guhana hana amakuru ajyanye n'amabwiriza ngengamyitwarire mu kazi. Shakisha inzira zo kongera amakuru ku buryo buhoraho.

## Urwego 4: UKWAGUKA K'UBUCURUZI

### *Gutangaza Imari*

Tegura raporo y'imari y'ikigo ugendeye kuri IFRS yibigo by'imari bito n'ibiciriritse cyangwa U.S. GAAP (Niba kuri ubu ufite gahunda y'abashoramari bavuye hanze).

Hitamo ikigo gikora igenzuramutungo cyo hanze ugendeye kubisabwa nk'ubunararibonye, kuba kigenga, ubuhamya, igiciro baca.

### *Gutangaza Ibindi*

Jya utanga amakuru ku nama nyobozi mu buryo buhoraho mu igenamiterere no mu gihe runaka (byibuze mu gihembwe).

Shyikiriza abanyamigabane raporo zirimo amakuru y'ingenzi (urugero. raporo y'umwaka) nk'uko bisabwa n'itegeko kandi bikaba bijyanye n'amasezerano y'abanyamigabane.

Reba ari ubuhe buryo buhoraho bwo gutangariza amakuru abanyamigabane (bwisumbuye ho ku buri mu itegeko) bwaba ari bwo bubereye ikigo.

Urebe neza niba umumaro wo gutanga amakuru bisubiza ubusabe bw'abanyamigabane.

E

## Uburenganzira ku mutungo

*"Nta miryango nzi yunze ubumwe burenze kubera amafaranga, ariko nzi imiryango myinshi yasenye ibigo by'ubucuruzi kubera amafaranga."*

*— Roque Benavides, umuyobozi mukuru wa Buenaventura*

| Urwego 1 GUTANGIRA UBUCURUZI | Urwego 2 GUKURA BIHAMYE | Urwego 3 IMIKORERE Y'UBUCURUZI | Urwego 4 KWAGUKA KW'UBUCU RUZI |
|---|---|---|---|
| X Akamaro n'inshingano bya nyiri ikigo (banyiri ikigo) ziramenyekana neza<br>X Amakuru y'ibanze ku ruhare rw'abanyamuryango bose<br>X Uburyo bwo gukemura ibibazo mu banyamigabane | X Itandukaniro hagati y'ibibazo bijyane n'umuryango n'ibitajyanye n'umuryango ryitabwaho<br>X Kumenya gahunda yo gusimburana ku mirimo m'ubucuruzi bw'umuryango<br>X Inama ngarukamwaka z'abanyamigabane | X Itandukaniro rigaragara hagati y'ishingano za nyiri ikigo (banyiri ikigo), abagize umuryango n'abayobozi<br>X Uburyo bwo kuzamuka mu nzego bugaragara ku bayobozi batari mubagize umuryango<br>X Gahunda yo gusimburana ku mirimo m'ubucuruzi bw'umuryango<br>X Inama ngarukamwaka y'abanyamigabane irangwamo no kuganira ku byemezo by'ingenzi byafashwe, inyungu zishyurwa abanyamigabane n'ibikorwa | X Amategeko n'uburyo bufasha kugenzura uburenganzira ku kigo, akazi, n'izindi nyungu by'abagize umuryango<br>X Abanyamigabane bose bahabwa amakuru agezweho ku ngamba, uburyo bw'imikorere, n'umusaruro by'ikigo<br>X Uburyo bwo gukemura ibibazo bijyanye n'imiyoborere |

Ibigo bito n'ibiciriritse bitangira ari umuntu umwe cyangwa ukwihuza kw'abantu 2 cyangwa 3. Iyo ikigo gitera imbere kinerekana umusaruro, abandi bashoramari bashobora gushaka kukigana; inshuti, ubanyamuryango, cyangwa abacungamutungo, , abashoramari b'abanyamwuga nk' umutungos wihariye. Bene aba banyamigabane baba bafite ukundi bumva inyungu n'uko iterambere ry'ikigo ryagaragara. Iki gika kivuga uburyo bwo gucunga umunyamigabane ugamije iterambere ryo mu gihe kirambye. Ireba by'umwihariko kuri ibi bikurikira:

X ***Uruhare rw'Abanyamigabane*** m'ukugena ahazaza h'ikigo;

X ***Uwashinze ikigo/Uruhare rw'Umuryango*** mu bucuruzi bw'ikigo;

X ***Gukemura Ibibazo Hagati y'Abanyamigabane*** hagamijwe gukemura mu buryo bukomeye amakimbirane ashobora kubangamira ubuzima bw'ikigo.

### Uruhare rw'Abanyamigabane

Akenshi kuzamuka kw'ibigo bito n'ibiciriritse ni uruhare rw'abantu benshi rudakurikije inzego kandi rushobora gutera urujijo ku ruhare, inshingano n'imbago z'ububasha bw'abanyamigabane. Ibi bibazo bigira uburemere mu bucuruzi bw'imiryango, aho

bubasha, ubutegetsi no kugira ijambo atari ngombwa ko biba bishingiye ku ruhare ruzwi rw'ubucuruzi. Ni yo mpamvu, ikigamijwe nyamukuru m'Urwego 1–2 ibigo bito n'ibiciriritse bigomba gutanga umucyo fatizo w'uruhare n'inshingano z'abanyamigabane. Mu Nzego 3—4, imbaraga zishyirwa mu kugenzura ukwivanga kwinshi kw'imiryango mu bucuruzi no kuringaniza inyungu z'umubare uzamuka w'abanyamigabane ku bw'inyungu z'iterambere ry'igihe kirekire ry'ikigo.

## *Ihindagurika ry'Uburenganzira k'Umutungo w'Ikigo Gito n'Igiciriritse*

Mu ntangiriro z'icyiciro cyo kubaho cy'ibigo bito n'ibiciriritse, abanyamigabane b'imena baba basa n'abafite aho bahuriye—nk'abaziranye n'imiryango, abayigize cyangwa abafatanyabikorwa mu bucuruzi. Abenshi baba benda kugira uruhare mu bibazo by'imikorere y'ikigo, icyarimwe bagakora nka ba nyiracyo cyangwa abagicunga. Akenshi abandi "biyandikisha" mu kigo ngo barebe ibikiberamo.

Ibyinshi mu bigo bito n'ibiciriritse bitangitara ari iby'abantu ku giti cyabo cyangwa ari ubufatanyabikorwa, ariko bimwe muri byo bitangira ari nk'umuntu ku giti cye, bisobanuye ko guhera mu ntangiriro, bigomba kugendera ku itegeko ryo kugira Inama nyobozi. Kuri ibyo bigo, Inama nyobozi ni urwiyererutso, rutariho mu by'ukuri. Kuva mu ntangiriro, si ikibazo, kuva umubare w'aba nyiri umutungo ari muto, bose barayobora cyangwa bagakorana n'ikigo, kandi bafite uruhare rutaziguye mu kugena ejo hazaza hacyo.

Ibi bihe bishobora gukomeza mu gihe cyose nta terambere rifatika, haba mu mikorere cyangwa m'umutungo. Nyamara, igihe ikigo kizaba kinini kurushaho, ba nyiracyo ba mbere na mbere batayobora ikigo cy'ubucuruzi bazatangira kugenda batakaza gahoro ububasha bwo kugira ishusho yuzuye n'ubugenzuzi bw'ibikorwa. Birushaho kuba bibi iyo ikigo gihamagaye abashoramari bo hanze. Bitandukanye na ba nyiri umutungo bashinze ikigo, abashoramari bashya nta makuru yimbitse ku kigo baba bafite kandi bashobora kutagira urwego rumwe rwo kwizera ububasha bw'uwashinze/Umuyobozi Mukuru nk'urwo ba nyiri umutungo bafatanyije kugishinga bagira.

Izi mpinduka zizasaba ikigo kuboneza imibanire yacyo n'abashoramari, biciye mu nzira na gahunda zisobanutse zashyiriweho gucunga ihererekanya ry'amakuru n'ifatwa ry'ibyemezo by'imikorere.
Ibigo bifite Inama nyobozi nk'urwiyerurutso bigomba kuzorohereza kuzuza neza inshingano zazo.

Ku bigo bito n'ibiciriritse by'imiryango, impinduka mu myubakire y'umutungo ishobora no guterwa n'abagize umuryango bo mu biragano bitandukanye n'inzu z'umuryango warazwe ikigo. Uko urusobe rw'abanyamigabane rugenda rwaguka, abenshi muri bo bagira ijanisha rito cyane ry'imigabane y'ikigo kandi ibibazo byerekeye uburenganzira bw'abanyamigabane bikaba byinshi. Ibyo bibazo bishobora kugabanywa hashyirwaho uburyo bwo kurinda abanyamigabane mikeya mu masezerano y'ubucuruzi, amategeko shingiro n'amahame y'imiyoborere y'ikigo.

## *Amoko y'Abashoramari*

Ibigo bito n'ibiciriritse bishobora gushishikazwa no gukurura abashoramari bo hanze ku mpamvu zirenze kugera ku mari. Abashoramari bashobora kuzana ahandi hantu ho kwagurira ibikorwa, ubumenyi n'ubuhanga bukomeye byafasha ikigo kugera k'ugukura ku buryo bwuzuye. Muri rusange basaba guhagararirwa mu nama nyobozi mu buryo bugendanye n'imigabane yabo mu mutungo.
**Imbonerahamwe 3.1 ku rupapuro rukurikira** irasobanura ubwoko bukunze kuboneka bw'abashoramari ibigo bito n'ibicirirtse bishobora kwigaho.

Ibyinshi cyane mu bigo bito n'ibiciriritse bigira inshuti n'abagize imiryango nk'abafatanyabikorwa, byumwihariko mu nzego z'itangira z'iterambere. Akenshi isano y'abanyamigabane rikomeza gushingira cyane ku cyizere. Aha n'ubwo bitegetswe cyane kugaragaza uburenganzira nyamukuru bw'abanyamigabane bwavuzwe muri iki gice nk'uruhare mu gufata ibyemezo, gusaba guhabwa inyungu ku migabane, uruhare mu kigo n'ibindi. Ibi byongerera imbaraga icyizere bigatanga ubwishingizi bukomeye bwo kwirinda ubwumvikane buke n'amakimbirane mu gihe kiri imbere.

## *Uburenganzira bw'abanyamigabane b'imena*

Abanyamigabane bose hatitawe ku ngano yabo, bafite uburenganzira bumwe na bumwe:

**X** Uburenganzira bwo kubona ku gihe amakuru ya nyayo, afatika ku bucuruzi kandi akayabona kenshi (**byavuzweho hejuru mu gice cyerekeye kumurika no gukorera mu mucyo, hejuru**);

**X** Uburenganzira bwo kugira ijambo ku mizamukire y'ikigo.

*Inteko rusange ngarukamwaka* (AGM/AGA) itanga uburyo bwo gusangira amakuru n'uruhare rw'abanyamigabane ibashoboza gufata ibyemezo bikurikira:

**X** Gusuzuma no kwemeza ibyo ikigo cyagezeho n'amafaranga abanyamigabane bagomba kugabana.

**X** Gushyiraho intego z'ikigo mu bijyanye n'imizamukire, ingorane, uburyo bw'inyungu n'agaciro kacyo mu mafaranga;

**X** Gutora abagize inama nyobozi;

**X** Gufata ibindi byemezo nyamukuru, nk'ibyerekeye igishoro nyirizina, ingamba z'ikigo n'ibikorwa byagutse by'ubucuruzi gikorana n'abafitanye amasano.

Kimwe mu bibazo bikomeye ni uguhagararirwa kw'abanyamigabane mikeya mu nama nyobozi. Muri rusange, ku bigo bito n'ibiciriritse byinshi, uwashinze ikigo akomeza kuba umunyamigabane mukuru agashobora no kugenzura neza abagize inama nyobozi. Icyakora, ni byiza kwemerera abanyamigabane mikeya gutora umwe uzajya ahagararira inyungu zabo mu nama nyobozi. Muri rusange, uyu mwanya uhabwa uwigenga. Ibigo bitanga igishoro biba ngombwa ko na bo batora uzajya abahagararira muri iyo nama nyobozi.

Uko ibigo bito n'ibiciriritse bigenda bikura, ni ngombwa kumenya ko ba nyiri umutungo cyangwa abashoramari bashobora kutongera kugira uruhare ku ntego, ingamba cyangwa mu nzira zo gufata ibyemezo zijyanye n'iterambere ry'ikigo. Kuvamo k'umwe cyangwa kwa benshi mu bashoramari b'imena ni kwinshi kandi nta n'uburyo bwemeranyijweho bwo gusuzuma imigabane (akenshi mu rwego rw'ubwumvikane bw'abanyamigabane), ikigo gishobora guhura n'intambara z'imbere muri cyo hagati y'abashoramari n'icumbagira ry'ibikorwa. Vugisha ukuri ku muntu ushobora kugurisha imigabane, ingahe ku nshuro imwe, mu nshuro zingahe, mu buhe buryo no kuri ba nde.

Mu bigo by'ubucuruzi by'imiryango bishobora gushyiraho ikigega cyo gucungura imigabane kikajya kigura imigabane abagize imiryango bashyize ku isoko. Ikigamijwe ni uguha abanyamigabane ubushobozi bwo kugura hatabayeho kubangamira ikigo. Ubusanzwe buri mwaka, ikigo gishyira muri icyo kigega amafaranga kikagitwerera ijanisha rito ry'inyungu.

**Imbonerahamwe 3.1: Amoko y'Abashoramari**

| | |
|---|---|
| **ABAFATANYABIKORWA MU NGAMBA** | Ibigo bito n'ibicirirtse byungukira ku bashoramari bavuye mu bigo bakaba abafatanyabikorwa muri gahunda zasbyo. Urugero ni sosiyete icunga imitungo itimukanwa ishora imari muri sosiyete isana imitungo itimukanwa kuko imwe iha indi serivise. |
| **ABASHORAMARI B'ABAMARAYIKA** | Ubusanzwe abashoramari b'abamarayika ni abantu bafite umutungo bwite ufite agaciro kanini, akenshi ni abacuruzi ubwabo baha igishoro Abatangizi, ubusanzwe ku ngurane y'igishoro bwite cyangwa imyenda ivunjwa<br>mu kwigerekaho ingorane zikomeye mu gushora imari yabo bwite, akenshi baha ubufasha bukomeye abantu ku giti cyabo cyangwa bagaha inama bwite ba nyiri umutungo mu rwego rwo gushyigikira imikurire n'iterambere by'intego z'ikigo. Ni yo mpamvu abashoramari b'abamarayika akenshi baba bashaka gushora mu bikorwa bafitemo uburambe cyane. Bashobora na none gukora babinyujije mu bigega cyangwa mu kwishyira hamwe kugira ngo babashe kunyuranya ingorane. |
| **IMPUGUKE M'UGUSHORA IMARI BADATINYA IGIHOMBO** | Abashoramari badatinyisha amafaranga – uburyo buzwi cyane binyuze mu kigega gicungwa n'abanyamwuga – bashaka inyungu iremereye ku ishoramari kandi bafite inzira zikakaye zo gucamo. Umushoramari udatinyisha amafaranga afata ibishoro bwite, kandi n'iyo ikigo kitagaragaza ibimenyetso byo kugera ku ntego<br>ashobora kukigurisha kugira ngo yisubize imari yagishoyemo. Akenshi atinda gushyira imari mu bigo mu nzira z'ishoramari, kandi kuko bagira imifuka ibyibushye, bashora umubare ugaragara w'amafaranga kurusha abashoramari b'abamarayika. |
| **GUTERA INKUNGA UMUSHINGA W'AMAFARANGA YATERANYIJWE** | Aho gusaba umuntu umwe cyangwa banki imwe umubare munini w'amafaranga, ikigo cy'ubucuruzi gikoresha ubu buryo gifite ubushobozi bwo gusaba amafaranga make buri wese mu bihumbi by'abantu. Ishoramari rishobora gukorwa ku ngurane y'ibicuruzwa byo mu gihe kizaza cyangwa serivisi cyangwa y'igishoro bwite cy'ikigo. Inkomoko y'amafaranga igaragara nk'inshyashya, yakoreshejwe n'abatangizi batari ba gakondo. Inama nyobozi ikomeye ishobora gufasha ibigo kwirinda ibishoro byinshi, ahubwo bikabireshya, byumwihariko iyo Inama nyobozi ifite abayobozi bigenga bahagarariye inyungu z'abashoramari bihariye. |

LP

D

3

## Uruhare rw'uwashinze ikigo/Umuryango[11]

Iyo ikigo cy'ubucuruzi kigera ku ntego zacyo, uruhare rwa ba nyiracyo rugarukira mu guhindukana n'impinduka zacyo.
Ba nyiri ibigo bava mu myanya mito bagana mu minini, ububasha bwo gufata ibyemezo ku bikorwa bakabusigira abacungamutungo b'abanyamwuga.

Bamwe muri aba bacungamutungo bashobora kuba ari abagize umuryango. Mu by'ukuri, igice kinini cy'ibigo bito n'ibiciriritse ni iby'imiryango. Ababishinze bagendera cyane ku kazi k'abagize umuryango, ku mari ishyirwamo no ku kumenyana n'abandi kugira ngo ikigo kigende neza kandi bagateganya kugishyira mu maboko y'ikiragano gitaha. Ibigo bito n'ibiciriritse by'imiryango bishingira inyungu ku masano ashingiye ku cyizere, ku mahame no ku miyoboro y'ifatwa ry'ibyemezo, ibi bishobora kugira akamaro mu nzego za mbere z'imikurire y'ikigo. Ibi bigo bito n'ibiciriritse bishobora kugira ubwitange mu gihe cy'ibibazo, hagendewe ku cyizere hagati y'ibice bifite icyo bihuriyeho—kandi hamwe n'ibiragano bivugwa, igenamigambi ry'ubucuruzi bw'igihe kirekire rishobora kuzana imikorere y'ubucuruzi iri hejuru (nk'uko bivugwa muri Liu, Yang na Zhang 2012).

Ariko na none, mu gihe ibigo by'imiryango byinshi byunguka, hari n'ibindi byinshi bitamara kabiri. Mu by'ukuri, hafi bibiri bya gatatu kugeza kuri bitatu bya kane by'ibigo by'imiryango biragwa cyangwa bikagurishwa n'ababishinze mu gihe cya manda yabo. Hagati ya 5 na 15% gusa ni byo bikomeza mu kiragano cya gatatu mu maboko y'abakomoka ku babishinze (Neubauer na Lank 1998).

Ibyinshi muri ibi bigo bigira ibyago by'intege nke zihariwe n'ibigo by'ubucuruzi by'imiryango gusa, zimwe zikaba ari izi:

9 Aka gace gashingiye ku *Gatabo k'Amabwiriza Nyoboramikorere ka IFC ku miyoborere y'ibigo by'imiryango* (IFC 2008), kaboneka ku buntu kuri murandasi kandi tukaba tubararikira cyane kugasoma kugira ngo mwige byimbitse kuri iyi ngingo: ***http://www.ifc.org/wps/wcm/connect/topics_ext_content/ifc_external_corporate_site/ifc+cg/resources/guidelines_reviews+and+case+studies/ifc+family+business+governance+handbook***.

- *Kuba bigoye.* Kuzanamo amarangamutima n'ibibazo byo mu miryango bituma amasano mu bucuruzi agorana. Na none, iyo abagize umuryango bafite inshingano zitandukanye aho bari mu bucuruzi bwabo, rimwe na rimwe biteza guhuzagurika kw'abagize umuryango bose

ikigo cy'ubucuruzi, rimwe na rimwe bigatera guta umurongo w'ibitekerezo hagati y'abagize umuryango.

- *Kudakurikiza ibitegetswe.* Bitewe n'uko imyinshi mu miryango yicungira ubwayo ibigo byayo (nibura mu kiragano cya mbere n'icya kabiri), akenshi igaragaza ubushake buke bwo gushyiraho ibikorwa n'uburyo bya gicuruzi bisobanuye neza. Mu gihe umuryango n'ikigo cyawo bikura, iyi mikorere ishobora gukurura ibibi n'amakimbirane y'imbere mu kigo menshi.

- *Ikimenyane.* Guha amahirwe abagize umuryango kurusha abandi bishobora gusenya indangagaciro cyangwa bikagabanya kwihesha agaciro.

Izi mpungenge zikomezwa n'ibindi bintu by'inyongera: iterambere ry'umutungo mu gihe uva ku washinze ikigo ujya ku biragano bikurukirana, guhindura umubare n'ubwoko bw'abanyamigabane. Ikirenzeho, hari n'urusobe rw'inshingano abagize umuryango batandukanye bashobora kugira:

- Kugira imigabane mu kigo, ariko ntugikorere;

- Gukorera ikigo ariko utakigiramo imigabane;

- Kugira imigabane mu kigo kandi ukagikorera.

Izi mpamvu zishobora gutera umwuka mubi mu mibanire yo m'umuryango no m'ubucuruzi. Kugira ngo hitwe ku bibazo n'inyungu z'umuryango muri rusange, ubucuruzi bw'umuryango bwinshi bufashwa no gushyiraho gahunda y'imiyoborere *y'umuryango* isa nka gahunda y'imiyoborere *y'ubucuruzi*.

**Inzego z'imiyoborere:** Inzego z'imiyoborere y'umuryango zishobora gufata ishusho *n'inteko rusange y'umuryango*, aho abawugize bose bahurira hamwe buri mwaka kugira ngo bagire ishusho y'imigendekere y'ubucuruzi, kuganira ku bibazo bimwe na bimwe no kungukira ku bitekerezo by'abatari mu miyoborere y'ikigo ku buryo buzwi.

Hashobora kandi kubaho *inama y'umuryango* ikora nka komite nshingwabikorwa y'inama rusange y'umuryango. Byerekana
muri rusange, iba igizwe n'abantu hagati ya batanu n'icyenda batowe, bahagarariye inzu n'ibigero by'imyaka bitandukanye mu muryango. Aha harimo abagize umuryango bakora mu bucuruzi kimwe n'abatabukoramo.

**Gahunda z'imiyoborere y'umuryango:** *Ishingiro ry'umuryango* ni ubwoko bw'urupapuro rwuzuye ku miyoborere y'umuryango. Muri rusange ruba ruriho indangagaciro n'imyemerere y'umuryango (rugaragaza ubutumwa) n'amahame cyangwa gahunda z'ikigo cy'umuryango kandi rushobora kubaho ibintu bikurikira:

- *Gahunda y'imigabane y'umuryango*—ishyiraho amabwiriza ku kugira imigabane no kuyitanga, ukora ku buryo iba mu muryango mu gihe cyifuzwa (urugero ni ikigega cyo kurinda imigabane);

- *Gahunda y'umuryango yo gutanga akazi*—itanga imirongo ngenderwaho ku buryo bwo abagize umuryango bashobora kubona akazi mu kigo (urugero ni uko ishobora gushyiraho ibyerekeye amashuri n'uburambe mu bunyamwuga);

- *Gahunda y'umuryango y'igabana ry'inyungu ku migabane*—ishyiraho amahame nyobozi ku iyishyurwa ry'inyungu y'imigabane ku muryango, bikawufasha gukemura ibibazo byo kubura amafaranga;

- *Gahunda yo gushyiraho abahagarariye umuryango*—itanga imirongo ngenderwaho mu kugena abahagarariye umuryango, igatanga imirongo ngenderwaho mu gutora abahagararira umuryango mu nama nyobozi y'ikigo;

- *Gahunda yo gukemura amakimbirane (n'itsinda)*—isobanura ibyemezo byafashwe ku gukemura amakimbirane hagati y'abagize umuryango mu gace runaka.

Kugena ubwoko bw'ikigo washyiraho n'ibyaba bikubiye muri gahunda bizaterwa cyane (ariko si ibi gusa) n'ubunini bw'ikigo cy'ubucuruzi, urwego umuryango ugezeho mu iterambere, umubare w'abawugize n'urwego rw'uruhare rwabo mu bucuruzi bwabo.

## Gukemura impaka hagati y'Abanyamigabane

Ni ngombwa ku banyamigabane n'abayobozi kubaza: "Dufite uburyo bukwiye bwo guteganya no gukemura amakimbirane yerekeye ubuyobozi?" James Groton, umujyanama mu gukemura amakimbirane akaba n'umukemurampaka, atsindagira akamaro k'iyi nshingano.

*". . .[M]u gihe abakorana ubucuruzi, babwinjiyemo, iteka bagomba kwiga ku kibazo cyo kumenya uko bazajya bakemura ikibazo icyo ari cyo cyose cyangwa impaka zi shobora kuvuka hagati yabo. Kuri uru rwego, baba bafite amahirwe amwe yo kugenzura ubwumvikane buke bwavuka, bateganya uko baburangiza mu nzira zirinda amakimbirane, byumwihariko bakemeranya ku buryo bw'imikemurire bugamije mbere na mbere kwirinda ibibazo n'impaka, hanyuma bagashyiraho inzira zo gukemura buri mpaka" Groton na Haapio 2007.*

Ibiteganywa ku buryo bwo gukemura impaka zabaho bigomba kuba bikubiye mu masezerano y'abanyamigabane n'izindi mpapuro za ngombwa z'ikigo. Ibi bya ngombwa byose bigomba gutanga uburenganzira bushoboka busobanurira neza abafitanye ibibazo bose uko bizakemurwa.

Uburyo bufatika cyane bwo gukemura amakimbirane y'imiyoborere ni **ubwunzi**—uburyo bw'ubushake kandi bw'ibanga butuma undi muntu wubashywe, udafite aho abogamiye (umwunzi) afasha abafitanye amakimbirane kugera ku masezerano aganiriweho. Abagomba kwiyunga bashyiraho amabwiriza yumvikanyweho, bisobanura ko agenzura byuzuye ibivuyemo, bitandukanye n'ibiva mu makimbirane.

Ku nama zisobanutse ku buryo bw'ishyirwaho ry'ubukemurampaka buhamye mu bigo by'ubucuruzi, turabarangira *Amakimbirane mu nzu y'inama nyobozi: Ni gute Warinda Ibyiza, Ugahangana n'Ibibi kandi Ukirinda Umwanda* (IFC 2015a).

E LP

## IBIKORWA NTANGARUGERO:
## Uburenganzira ku mutungo

Hano hasi tugiye kwerekana ibikorwa rusange by'ingenzi kuri buri rwego rw'iterambere ry'ibigo bito n'ibiciriritse, dukoresheje inzego zavuzwe haruguru:

- **Uruhare rw'abanyamigabane**
- **Uruhare rw'uwashinze ikigo/Umuryango**
- **Gukemura amakimbirane hagati y'abanyamigabane**

Menya ko ibi bikorwa bikomatanyije: ibikorwa byo mu nzego zibanza byubakiye ku byo mu nzego ziheruka. Bimwe mu byifuzonama bishobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo burushijeho gutanga umusaruro mu nzego zitandukanye, bitewe n'impamvu cyangwa bigashyirwa mu bikorwa mu gihe ikigo kiri mu nzibacyuho yo kuva m'urwego rumwe kijya m'urundi. Koresha umutimanama wawe mu kugena igihe cyiza kurushaho kibereye ubucuruzi bwawe.

## Urwego 1: GUTANGIZA UBUCURUZI

### *Uruhare rw'uwashinze ikigo/Umuryango*

Sobanura kandi umenyeshe abakozi bose uruhare rw'uwashinze ikigo mu bikorwa byacyo.

Sobanura uruhare n'uburenganzira by'abagize umuryango. Iki kibazo kigomba gukemurwa, atari ku bagize umuryango bakora mu kigo gusa, ahubwo no ku bandi bantu batari mu buyobozi bwacyo ku buryo buzwi. Niba abagize umuryango benshi bafite cyangwa bateganya kugira imigabane, shyiraho uburyo buzwi bwo kuborohereza gusohoka. Ikigamijwe ni uguha abanyamigabane bo mu muryango ubushobozi bwo kugira amafaranga ariko bitabangamiye ikigo. Urugero: garagaza neza abashobora kugurisha imigabane yabo, umubare wayo icya rimwe, inshuro n'uburyo bizakorwamo n'uzayigura.

### *Gukemura impaka hagati y'Abanyamigabane*

Mu bwumvikane hagati y'abanyamigabane cyangwa mu mategeko ngenga, shyiramo ibiteganywa n'amabwiriza yo gukemura impaka hagati y'abanyamigabane.

## Urwego 2: GUKURA BIHAMYE

### *Uruhare rw'Abanyamigabane*

Inama ngarukamwaka z'abanyamigabane zigumeho haganirwa ku myanzuro yafashwe, kugabana inyungu zabonetse ndetse n'ibizakorwa.

### *Uruhare rw'uwashinze ikigo/Umuryango*

Mu buryo busesuye, tanga amakuru ku itandukaniro hagati y'ibibazo by'ubucuruzi n'iby'imiryango, ndetse n'umuyoboro ukwiye wo kubikemura.

Muganire n'umuryango ibijyanye n'isimbura imbere mu kigo, hanyuma mugene abasimbura bashoboka haba muri banyir'ikigo no mu buyobozi bwo hejuru. (**Reba *Gahunda yo Gusimburana ku Mirimo* kw'ipaji 41.**)

## Urwego 3: IMIKORERE Y'UBUCURUZI

### *Uruhare rw'Abanyamigabane*

Menya nimba inama z'abanyamigabane ziteguwe neza kandi zikorwe mu buryo zitanga umusaruro bityo bituma abanyamigabane bashishikarira kuzitabira. By'umwihariko:

- Tanga amatangazo menshi mbere uko bishoboka kose.
- Reba neza ko ibitabo by'amakuru byujuje ubunyamwuga kandi byatanzwe ku gihe.
- Inama ibse ingirakamaro kandi utege amatwi abanyamigabane kubijyanye no gutora.

### *Uruhare rw'uwashinze ikigo/Umuryango*

Nimuvuge ku wo mwifuza cyangwa niba adahari, abagize umuryango bafite inshingano nyimshi mu kigo. Umwanzuro ugomba gutangazwa neza mu bakorera mu kigo ndetse n'umuryango.

Erekana byimbitse itandukaniro hagati ya 1) ba nyir'ikigo (abanyamigabane), 2) Abakozi (by'umwihariko ubayobozi bakuru), 3) abo mu muryango batari abakozi/batari abanyamigabane. Abagize umuryango "bambaye ingofero nyinshi" bagomba kumva uburyo bwa nyabwo bw'imyitwarire no guhanahana amakuru ku nshingano zabo zitandukanye. Mu kuganiro no gusobanura inshingano uruhare rw'abanyamuryango, wite kuri ibi bipimo bitatu naho bihurira: 1) Uko umuryango wubatse 2) Uko ubucuruzi bwubatse 3) uko kugira imitungo mu kigo byubatse.

Tahura inzira inoze itandukanya abakozi bo hejuru batari abo mu muryango n'impuguke. Ongera usuzume uruhare rw'ubuzobere mu kazi nk'impamvu itera akanyabugabo (**Reba *Igenamigambi ry'Imicungire y'Abakozi* ku rupapuro rwa 45.**)

Shyiraho gahunda y'isimburana ku mutungo w'umuryango (no ku micungire niba bishoboka) kandi uyimenyekanishe. (**Reba *Igenamigambi ryo Gusimburana ku mirimo* ku rupapuro 41.**)

## Urwego 4: UKWAGUKA K'UBUCURUZI

### *Uruhare rw'Abanyamigabane*

Garagaza uburyo buhamye bwo guhora uha abanyamigabane amakuru agezweho kuri za gahunda, ingamba n'ibyo ikigo kigezeho. Kora ku buryo izi nzira z'itumanaho zitabera abanyamigabane undi muzigo w'inyongera (urugero: amabaruwa cyangwa imeli nyinshi).

### *Uruhare rw'uwashinze ikigo/Umuryango*

Gushyiraho kandi ugatangaza gahunda, uburyo n'inzego hagamijwe guha umurongo ibyemezo bishobora kubangamira umutungo, akazi, inyungu ku migabane n'izindi nyungu z'abagize umuryango. Ibi bigomba kuba bigaragaza ibikenewe mu mahugurwa no mu burezi bwihariye bw'abagize umuryango bakorera ikigo muri iki gihe n'abo mu gihe kizaza. Guteganya ishyirwaho ry'ikigega cyo gucungura imigabane.

### *Gukemura impaka hagati y'Abanyamigabane*

Kwagura ibiteganywa mu gukemura impaka, ku mwanya wa mbere ugashyiramo uruhare rw'inama nyobozi mu gukemura ashingiye ku miyoborere, hanyuma ukagaragaza ingamba z'uburyo bwo gukoresha mu gihe cy'amakimbirane hagati y'abafite aho bahurira n'ikigo cyangwa abayobozi. Mu mahame shingiro y'ikigo, shyiramo n'ibyemezo byimbitse.

Shyiraho umuntu wo kugenzura ishyirwamubikorwa n'iterambere ku mpaka z'imiyoborere- Ingamba zo kubikemura n'amategeko. Umunyamuryango w'inama nyobozi, Umuyobozi mukuru, cyangwa se undi muyobozi mukuru niwe wahabwa izi nshingano.

# Igika 4

## Umwanzuro

# Umwanzuro

Intego y’aka gatabo nyoboramikorere ni ugufasha ibigo bito n’ibiciriritse kumva neza imbogamizi bihura na zo n’uburyo bwo guhangana na zo ukoresheje inzego z’imiyoborere y’ikigo cy’ubucuruzi. Iyi ntego yubakiye ku ihame ryo guhanga udushya, guhuza ibyifuzonama ku miyoborere n’inzego z’imikurire, ari byo bifasha barwiyemezamirimo kugenda bimakaza cyane imiyoborere inoze

gahunda, ibikorwa n’inzego z’imiyoborere ku buryo ikigo kizamuka. Inama zikubiye muri aka gatabo zigenewe kuyobora muri rusange, ariko si umuti. Zigomba gukorwa ku buryo ijyana n'intego z'icyo ikigo runaka kigamije ndetse n'aho gikorera.

**Umugereka** werekana **Igikoresho cy’igenamigambi ry’ibikorwa by’imiyoborere y’ibigo bito n’ibiciriritse** gitanga mu ncamake ibyifuzonama fatizo by'aka gatabonyobora. Gitanga ayo makuru mu gatabo gateguwe neza kagufasha gutegura neza ibikorwa binoze by'imiyoborere mu kigo cyanyu. Intego nyamukuru ni ukugirango ikigo cyanyu kibashe guhangana ku isoko ndetse no gukura mu buryo burambye.

## Urugero Nyigo: Turavugango Murabeho-Abashoramari bakavuga ngo Mukomere!

Iki gitabo nyobora cyagaragaje ibyifuzo bitandukanye itsinda rya IFC ryahaye uruganda rukora imyenda rwa Rockstar. Mu ntangiriro, ikigo kiba gikeneye impinduka nyinshi. Imbogamizi zacu: Dutangirire he?

IFC yatanze icyifuzo ko Rockstar yaha umwanya wa mbere ibikorwa bitatu kugira ngo ikemure ibibazo byihutirwa kimwe no gufasha ikigo gushyira impinduka nziza mu nzira:

1. Gushyiraho komite nshingwabikorwa, ishyigikiwe n'ubuyobozi busobanutse n'inzego z'ubuyobozi zisobanutse. Iki gikorwa ntigisaba ikindi kintu cy'inyongera kandi gitanga umusanzu mu kugabanya ibibazo bikomeye kandi bigaragara by'imicungire. Komite y'imicungire igomba guhabwa imbaraga zo gutangira gushyiraho gahunda zihariye z'ubucuruzi.

2. Gushaka ikigo gihitamo abakozi kugira ngo haboneke umukozi ushinzwe imicungire y'abakozi ubifitiye ubushobozi. Gahunda z'imicungire y'abakozi b'ikigo zigomba kuba ziri ku murongo neza kandi zisobanuye ku buryo bunoze mu rwego rwo kureshya abakozi bo ku rwego rwo hejuru, byumwihariko ku mwanya w'umuyobozi mukuru w'imari, no guhangana n'ingorane zifatiye ku bantu bakomeye (byumwihariko ushinzwe kwiga imishinga n'umuyobozi mukuru).

3. Gushaka impuguke yo gushyiraho uburyo bw'igenzura ry'imbere mu kigo ry'ibanze bwifashishije mudasobwa kugira ngo hatangwe amakuru ku kigo ya nyayo kandi ku gihe. Ibi bizoroshya imicungire myiza cyane y'ibikoresho bihari kandi bizaba ibigenderwaho bya mbere mu kureshya abashoramari.

Ikigo cyemeye ibyifuzonama gitangiza gahunda ndende yo guhanga ubwacyo gifite intego yo kugera ku cyerekezo cya Rami Bahgat cyo gufungura amangazini 100 mu gihugu cyose cya Misiri. Ubwo duheruka kumva ikigo mu mpera z'umwaka wa 2018, cyari cyarashoboye gushorwamo agera kuri miliyoni 10 z'amadorali ya Amerika na sosiyete y'ishoramari binyuze mu nzira z'ipiganwa.

Izo mpinduka zatumye imyenda ya Rockstar isa neza! (Amakositimu yadozwe na Rami na yo yari meza.)

# Umugereka

## Igikoresho cy'Igenamigambi ry'Imiyoborere y'Ibigo Bito n'Ibiciriritse

# Umugereka

## Igikoresho cy'Igenamigambi ry'Imiyoborere y'Ibigo Bito n'Ibiciriritse

Iki gikoresho gitanga mu ncamake ibyifuzonama fatizo by'ibigo bito n'ibiciriritse kugira ngo kibafashe kugaragaza ibikorwa bigomba guhabwa umwanya wa mbere rwose mu zego z'imikurire y'ibigo bito n'ibiciriritse. Umuti uteguye ku ngingo eshanu z'imiyoborere (*Reba ishusho ya A.1.*)

**Igishushanyo A.1: Ingingo Zingenzi n'Ingingo Ntoya z'Imiyoborere**

### A

**Ingingo A: Umuco n' Kwiyemeyeza imiyoborere myiza**

- Kumenya Ibintu n'Umurava wa Banyirubucuruzi
- Imiterere y'Imikorere
- Ingamba z'Ingenzi n'Uburyo bw'Imikorere

### B

**Ingingo B: Ifatwa ry'Ibyemezo n'igenzura ry'ingamba**

- Gufata Ibyemezo by'Ubuyobozi
- Abajyanama/Inama ngishwanama
- Inama Nyobozi
- Kugena isimburana mu Mirimo
- Igenamigambi ry'abakozi

### C

**Ingingo C: Gukemura Ibibazo n'Igenzura ry'Ibibera mu Kazi**

- Igenzura ry'Ibibera mu Kazi
- Kwikorera ubugenzuzi
- Ubugenzuzi bukozwe n'abaturutse hanze y'ikigo

### D

**Ingingo D: Imurikabikorwa n'Ubunyangamugayo**


- Imurikabikorwa ry'imari
- Imurikabikorwa ry'ibitari imari

### E

**Ingingo E: Uburenganzira ku mutungo**

- Uruhare rw'abanyamigabane
- Uruhare rw'uwashinze ikigo/Umuryango
- Gukemura amakimbirane hagati y'abanyamigabane

*Iki gikoresho gitanga* **UBURYO BW'INTAMBWE ESHATU** *mu gutegura y'imiyoborere myiza:*




Menya **URWEGO RW'IBANZE RW'ITERAMBERE** ry'ikigo cyawe.

Menya **IBIKORWA NTANGARUGERO/IMPINDUKA**
**IBIKORWA** byo mu cyiciro cy'iterambere unabigenere igihe n'uburyo bwo kwihutirwa ngo bigerweho.

Kora **IGENABIKORWA** ryihutirwa rigizwe n'imbonerahamwe y'urutonde rw'impinduka wagaragaje zo mu gihe kigufi zigomba guhabwa umwanya wa mbere cyane.

**Intambwe**
**1**

# Intambwe y'Ibanze y'Iterambere Ry'ikigo Cyanjye

***Mu kugaragaza intambwe y'iterambere ry'ikigo cyawe, koresha ifishi iri ku ipaji ikurikira. Ca akaziga ku gisobanuro cy'ingingo ihura neza n'uko ikigo cyawe gihagaze uyu munsi. Hanyuma uhitemo inzego bihura neza kurushaho.***

**Icyitonderwa: Niba ikigo cyawe kirimo kiva mu cyiciro kijya mu kindi,
ugomba gukoresha urwego rwabanje nk'urwego rw'ibanze rw'iterambere.**

# Urupapuro rw'Imyitozo A.1:

## Garagaza urwego rw'iterambere

| Gusobanura Ibirango/ Ibipimo Ngenderwaho | Urwego 1<br>GUTANGIRA | Urwego 2<br>GUKURA<br>BIHAMYE | Urwego 3<br>IMIKORERE<br>Y'IKIGO | Urwego 4<br>KWAGUKA<br>KW'UBUCURUZI |
|---|---|---|---|---|
| **Ingano**<br>**(Umubare w'abakozi)** | **Buto**<br>**(urugero., munsi ya 50)** | **Buto ujya m'Urugero**<br>**(urugero., 50–75)** | **Urugero**<br>**(urugero., 76–150)** | **Gukura m'Urugero**<br>**(urugero., 151–250)** |

| Intumbero y'Ikigo | Guhanga ibicuruzwa, kubigerageza kw'isoko | Igurishwa n'ugukura, kongera ubwoko bw'ibicuruzwa, kugira ingano y'abakiriya | Kuvugurura imiterere/uburyo bw'imikorere bwawe nyuma yo gukura | Gukura kurushaho, byatewe no kunoza imiyoborere n'uburyo bw'imikorere by'indani |
|---|---|---|---|---|
| **A**<br>**Umuco no Kwimakaza Imiyoborere Myiza**<br>(Ingamba, uburyo bw'imikorere n'imikorere y'ikigo) | x Itsinda rito rifite inshingano nyinshi<br>x Igipimo cy'ibitagengwa n'amategeko kiri hejuru<br>x Uburyo buke "bukora neza" bwashyizweho | x Itsinda riraguka— inzego zifatika n'imikorere y'ikigo bitangira kugaragara<br>x Uburyo bworoshye bufasha inzego gukorera hamwe | x Inshingano z'inzego zongerewe<br>x Kugira amategeko agenga imikorere y'ikigo, ingamba n'uburyo bw'imikorere | x Gukomeza intego zatangiriye m'Urwego 3 |
| **B**<br>**Ifatwa ry'Ibyemezo n'igenzura ry'ingamba**<br>(Uburyo bwo gufata ibyemezo n'ubwoko bw'ubuyobozi) | x Gufata ibyemezo bikubiye cyane kuri nyiri ikigo (banyiri ikigo)<br>x Ubuyobozi bwo kwikubira ububasha | x Gutangira gutanga inshingano kw'ubuyobozi<br>x Ubuyozi bujyinama— n'inko kwiharira ububasha cyane ariko uhabwa inama n'abayobozi bakuru n'amabajyanama | x Abayobozi b'abanyamwuga bahabwa akazi<br>x Kugabanya ububasha mu bice n'inzego z'ubuyobozi<br>x Ubuyobozi bw'ubufatanye | x Gutandukanya ifatwa ry'ibyemezo by'ahazaza niby'imikorere<br>x Uburyo bwo gufata ibyemezo mu kigo, hashingiwe ku myubakire y'inzego, inshingano n'inzira zisobanutse |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **C** **Gukemura Ibibazo n'Igenzura ry'Ibibera mu kigo** (Igenzura ry'uburinganire bw'inzego indani) | ✘ Banyiri ibigo bakurikiranira hafi cyane imirimo— igenzura ry'uburinganire bw'inzego ntabwo riba rikenewe cyane | ✘ Gushyiraho igenzura ry'ibibera mu kazi indani kugira ngo rifashe isaranganywa ry'ububasha n'imbaraga | ✘ Kuvuga birambuye ububasha n'inshingano<br>✘ Uburyo bw'imikororere bugirwa itegeko kandi bukorwa m'uburyo bwikoresha<br>✘ Gushyiraho ibikorwa bigenzura ibibazo by'imikorere by'ingenzi | ✘ Kwibanda ku gukemura ikibazo mbere y'uko kigaragara n'icyagaragaye |
| **D** **Imurikabikorwa n'Ubunyangam ugayo** (Guhererekanya amakuru n'abafatanyabikorwa b'indani n'abaturutse hanze) | ✘ Buri wese azi buri kintu | ✘ Kudahana amakuru mu nzego—atangwa neza mu rwego, ariko bigoye kuyatanga kuzindi nzego<br>✘ Amakuru fatizo ku bicuruzwa aturuka hanze aratangwa | ✘ Imbere: kunononsora ihererekanya ry'amakuru hagati y'inzego/no hagati y'abakozi<br>✘ Amakuru anoze ajyanye n'ubucuruzi aturutse hanze | ✘ Indani: ubuyobozi, inama nyobozi, n'abanyamigabane bahana amakuru<br>✘ Hanze: amakuru runaka agenewe abafatanyabikorwa batandukanye |
| **E** **Uburenganzira ku mutungo** (Abashinze ikigo/Abanyamigabane/Umuryango) | ✘ Nyiri ikigo cyangwa banyiri ikigo bake<br>✘ Ba nyiri ikigo ubwabo bagenzura buri gice kigize ubucuruzi | ✘ Abanyamigabane bashya badafite ububasha m'ubucuruzi bashoboka (indani cyangwa mu bajyanye n'indani)<br>✘ Banyiri ibigo bakomeza kurusha abandi ububasha ndetse no gukurikina ibintu byose<br>✘ Kongera umubare w'abo m'umuryango bafite inshingano mu mikorere | ✘ Abanyamigabane bashya badafite ububasha m'ubucuruzi bashoboka (indani cyangwa mu bajyanye n'indani)<br>✘ Abashoboramari bashya bagira ijambo ku ngamba m'uburyo budakurikije amabwiriza, ariko nta ruhare ruziguye bagira mu bikorwa<br>✘ (Iyo umushoramari ukomeye yinjiye—ikigo gihita cyimukira mu rwego rwa 4) | ✘ Amahitamo Rusange:<br>a. Abashinze ibigo, PE n'abandi bashoramari<br>b. Kwiyongera kw'uburenganzira bw'umuryango k'ubucuruzi/ guhinduka kw'ikiragano<br>c. Kujya kw'Isoko Rusange (Kugurisha Imigabane ku Bashoramari)<br>✘ Abashoramari bakeneye ibikoresho by'igenzura n'iby'ubuyobozi bw'ikigo |

*Bishobora gutandukana bitewe n'ubwoko bw'ikigo, rero iyi mirongo ngenderwaho igamije kwerekana umurongo mugari.

# Intambwe 2

## Ibikorwa ntangarugero mu miyoborere — Kugaragaza ibikorwa bikwiye

*Koresha amafishi uhereye kuri A.2 kugeza kuri A.6, ku rupapuro rukurikira kugira ngo ugere*
*ku bikorwa by'imiyoborere biberanye n'ikigo cyawe.*

*Ongera usuzume ibikorwa ntangarugero/by'impinduka. Uzuza akaziga k'igenzura kari ibumoso niba igikorwa cyarakozwe ku buryo buhagije. Niba kitarakozwe cyangwa kigomba kunononsorwa, gihe n'umwanya wa mbere, nk'uko bigaragara ku ishusho ya A.2.*

**Igishushanyo A.2: Urugero rw'Urupapuro rw'Imyitozo Rukoreshwa ku Bikorwa byo Kuyobora nIbikorwa by'Impinduka**

**Igihe Ntarengwa:** ST munsi y'amezi 6.; MT hagati y'amezi 6–12.; LT hejuru y'umwaka 1.
**Ibyibanze:** H = Hejuru; M = Hagati; L = Hasi

| Ibigo Bito n'Ibiciriritse Urwego | Igikorwa ntangarugero | Igihe Ntarengwa | Ibyibanze |
|---|---|---|---|
| Urwego 1 | **Ubumenyi n'Umurava bya Nyiri Ikigo** | | |
| | **A1-1.** Andikisha mu buryo bwemewe ikigo cy'ubucuruzi (nk'ikigo cya benshi cyangwa ubucuruzi bw'umuntu) mu nzego zibifitiye ububasha kugira ngo habeho gutandukanya ikigo n'umuntu ku giti cye | ST MT LT | H M L |
| | **Imikorere y'Ikigo** | | |
| | **A 1-2.** Garagaza ibikorwa nyamukuru ngombwa by'ikigo kandi ugende ubigabanya abagize ikipe yanyu y'ibikorwa bitandukanye. | ST MT LT | H M L |
| | **Gahunda nyamukuru n'uburyo zikorwamo** | | |
| | **A1-3.** Shyiraho ingingo z'amategeko shingiro y'ikigo. | ST MT LT | H M L |

**Ni ingenzi kwita kuri ibi bikurikira:**

- Ibi bikorwa birakomatanye: ibyo mu nzego za nyuma byubakiye ku zibanza. Bityo rero genzura buri gihe niba ikigo cyawe cyarakoze ibikorwa cyagiriweho inama mu nzego zibanza.
- Gushyira ibikorwa mu byiciro bitanga icyerekezo. Ikindi ni uko ibigo byinshi biba biri mu nzira zo kuva mu cyiciro kimwe bijya mu kindi. Gusa nanone, bitewe n'impamvu runaka, ibikorwa bimwe bishobora gukorwa mbere cyangwa nyuma y'igihe byagenewe. Koresha inyurabwenge yawe mu kugena igihe gikwiranye n'ikigo cyawe.

# Urupapuro rw'Imyitozo A.2:

## Ingingo A. Umuco no Kwiyemeza Imiyoborere Myiza

A

**Igihe Ntarengwa:** ST munsi y'amezi 6.; MT hagati y'amezi 6–12.; LT hejuru y'umwaka 1.
**Ibyibanze:** H = Hejuru; M = Hagati; L = Hasi

Ibigo Bito n'Ibiciriritse

| Urwego | Igikorwa ntangarugero | Igihe Ntarengwa | Ibyibanze |
|---|---|---|---|
| Urwego 1 | **Ubumenyi n'Umurava bya Nyiri Ikigo** | | |
